P. 23(a)

**Pseudonym:**

**Witness Code: NTABALO**

**NTABALO-13**

ICTR-98-41-T
Exh. P. 23(a)
Tendered on 16-09-2002.
CKB.

# Ntabakuze Aloys

## FAR

Revue ISIBO No:73 du 22 au 29 oct 92. Article sur la tentative d'assassinat du PM Dismas et 2 communiques des FAR.

**DOCUMENT INFORMATION**

| | |
|---|---|
| Doc Type: | newspaper |
| Doc Sources: | |
| Doc Location: | ICTR |
| Doc Original No: | |
| Doc Date: | 29-Oct-92 |
| Format: | Typewritten |
| Original language: | French |
| Translation: | English |
| ERN Translation: | k024-1264 |

**For Witness Statement:**

| | |
|---|---|
| SignatureDate: | |
| Interviewer 1: | |
| Interviewer 2: | |

**DOCUMENT CODING:**

| | |
|---|---|
| Document code: | NTABALO-13 |
| ICTR Number: | |
| ERN Number: | K000-7282 |
| Disclosure Code: | NTABALO-13 |
| Disclosable: | Yes |

**Past Disclosure----Past Disclosure----Past Disclosure----Past Disclosure**

| IN | Code Used | Date | Support |
|---|---|---|---|
| Bagosora | NTABALO-13 | 09-Jun-00 | |
| Kabiligi | NTABALO-13 | 09-Jun-00 | |
| Nsengiyumva | NTABALO-13 | 09-Jun-00 | |
| Ntabakuze | NTABALO-13 | 09-Jun-00 | |

ISIBO N°73 du 22 au 29 Octobre 1992 ANNEE 3 HEBDO INDEPENDANT

100Fr. ISIBO N°73

MOMBASA

# TWASUYE INZU Y'IKINANI



99007265

ARUSHA III BIS

IMPUNGENGE

...TEKANO



## TOGOLISATION DU RWANDA:

## ...ES MILITAIRES INCIVIQUES ...ENACENT LE PREMIER MINISTRE

MINISTRE NZABONIMANA EN FLAGRANT DELIT DE DETOURNEMENT DE FONDS PUBLICS

TARIF D'ABONNEMENT

| | RWANDA | AFRIQUE | EUROPE ASIE AMERIQUE |
|---|---|---|---|
| 6 mois | 2.400 F | 5.000 F | 10.000 F |
| 12 mois | 4.500 F | 9.500 F | 20.000 F |

ADERESI Y'IFATABUGUZI
JOURNAL ISIBO
Bureau Central de KIGALI
B.P. 2258
Tél. 77550 (Bureau) 83366 (Habitation)
Compte C.E.R. — KIGALI 17125/35807 ...

K0007266

# FLASH

## ● MINISITIRI NZABONIMANA YARATAHUWE

Mu ibaruwa ye N°010/92-166/N.D/NG.V. yo ku wa 2/10/92, Guverineri wa Banki nkuru y'igihugu yatahuye ubujura bwa Minisitiri NZABONIMANA. Yashatse kwiba muri BNR amadevize ahwanye n'amanyarwanda 21.494.590. Ibaruwa turayihitishije mu gifaransa. HABYARIMANA arabyiruye.

## ● NAWE KOKO MANIRAGUHA ?

Turiho turaperereza inkuru y'ubujura yakozwe na Majoro MANIRAGUHA ku nzu ye ikoreshwa maze akabeshya Leta ko bamuha make kugira ngo asore duke cyane. Nyamara uwababwira amayere arimo.
Biracyaza.

### UKO MBIBONA

## TUGOMBA KUVA MU CYUNAMO

Igihugu cyacu baragisenya tureba ku buryo twibaza niba u Rwanda ruzongera kwitwa u Rwanda. Ntidushaka ko igihugu cyacu kimera nka za Sómaliya na za Liberiya n'ubwo tubona ariho bijyana.

Imishyikirano ya ARUSHA yari mu nzira nziza none itangiye kutuvugisha menshi. Aho twabonaga hadakomeye niho hatunaniye kuhambuka. Niba twemera imishyikirano [illegible]a uburyarya inzira tubona zishoboka ni ebyiri. Iya [illegible]re ni RUKOKOMA yashyiraho inteko ishinga amate-[illegible]ko y'inzibacyuho igashyiraho n'itegeko nshinga rishya igihugu kizagenderaho. Iya kabiri ni ukugabana imyanya y'ubudepite ku buryo FPR, MRND, MDR, PL, PSD bibona umubare byumvikanyeho nta tora ribaye.
Ku byerekeye imyanya y'ubuminisitiri dushyigikiye ko isaranganya ryareba Minisiteri z'ibigugu buri wese akabonamo iye n'izoroheje nazo bikaba ariko bigenda. Ntidushyigikiye amayeri ya MRND yo gusabira Minisiteri turiya dushyaka tw'ejo bundi. Umwanya umwe wa PDC nawo uzazirikanwe. Ntitwumva ukuntu ibyo bintu binanirana, bigatuma imishyikirano ibera ARUSHA idindira ngo bategereje amabwiriza y'IKINANI na NSENGIYAREMYE.

Ikindi giteye impungenge ni umutekano mucye uri mu gihugu cyane cyane mu mugi wa KIGALI.
Dutangiye kwibaza niba hakiriho ubutegetsi mu Rwanda. Kubona abagizi ba nabi bagutumaho ngo bazaza kugutera, ukabibwira ubutegetsi ntibikubuze gusenyerwa no kwicwa ?

Icyabaye agahomamunwa ni agatsiko k'abasirikari b'abanyakazu bahagurukije ingabo ngo bajye kwica Minisitiri w'Intebe ku wa 22/10/92, umugambi ukabapfubana, nabo ntihagire ubakurikirana. Kubona BARANSARITSE (Lieutenant Colonel) na NERETSE (Major) bohereza n'amatelegaramu yo guhagurutsa ingabo hakabura n'ubarya urwara ? Ese ubwo bitaniyehe n'ibyo muri TOGO kwa cya Kinani EYADEMA ?

Abaturage benshi barasaba Dr. NSENGIYAREMYE gu[illegible]za ikinani utwacyo bakazajya mu butegetsi bakegetse KARUBANDA aho gupfa ubusa bibeshyaga ko bahagarariwe. Amashyaka MDR, PL, PSD yarambiwe guhora mu kiriyo cy'abarwanashyaka bayo bapfa buri munsi. Tugomba kuva mu cyunamo, tugahangana n'ubutegetsi tutaburimo.

MUSANGAMFURA Sixbert

## ● RUGIRA YARAKUBISWE

Muri iyi minsi ishize RUGIRA yagiye muri Mitingi i BUTARE ati : "muzi igiry'ihuri"? Bati turarizi. Ati Depite SEKAMONYO ni IHURI! Ngo kubona yaravuye mu ishyaka rya MRND ya HABYARIMANA akajya mu ishyaka ry'umuzimu ? Ati uwo muzimu ni KAYIBANDA. Abaturage barumirwa. Depite KAYIBANDA Pio aza kubimenya ahuye n "BWENGEBUCYE" ati wiratiriki ? Sinajyaga nkubona u muhakirizwaho ? BWENGEBUCYE ati barambe shyera. Nibwo Pio amukubis inshyi ebyiri. RUGIRA ariruka amara iminsi atagaruk mu nama. Depite NAYIGIZENT ngo niwe wababonye non ntawe atabibwira.
N'abandi bazamukubita.

### AMARORERWA YA CDR KU KACYIRU

Abahutu bo ku KACYIRU bakomeje guhohoterwa n'ishyaka CDR. Nyuma y'amezi atatu ashize impuzamugambi zitwaye amabendera ya MDR, hari habonetse agahenge. Ejo bundi ariko ako gahenge kaciwemo n'igitero aba CDR bagabye kwa NKUBITO Ferisiyani ku itariki ya 11/10/1992. Si aho gusa. Kuri uwo munsi, cyari kirangajwe imbere na BUCYANA Maritini (Perezida wa CDR). Intero yacyo yari "NYAGAHIRIMA, MANZI na KABAMBIZI bahite bapfa".
MANZI yarabacitse. Bamubuze batwaye iminyago myinshi bataretse no kumusenyera.

Abandi bashyigikiye aba CDR ni nka Mariko (MININTER), MUBUTU (ELECTROGAZ), TOMASI (BNR) na NDAMYABERA wamenyekanye kubara ijwi rye ryo mu ikinamico. Iteka iyo CDR igiye kugira aho itera ku KACYIRU, babanza kunyura ku mugore witwa UWAMBAYE Marigarita ubahata urwagwa. Ndetse hari n'ubwo imodoka ya Caisse Sociale itwarwa na Frodualđ (GITEBO) izanye abandi. Depite UWIMANA Juvénal nawe abifitemo uruhare.

TWARABAMENYE

### ABANYAKIBUYE BARASHAKA KWIRWANAHO

Umuhanda wa KIBUYE ubanza uzashyira ugashyirwamo kaburimbo. Nk'uko mubizi, itunganwa ry'uwo muhanda ryabwiwe abanya KIBUYE kera cyane, mbere y'imyaka 20. Leta ubu yabonye miliyoni 15 zo gutunganya igice kimwe cy'uwo muhanda.

Kubera akababaro kabo, abanyaKIBUYE biyemeje guhaguruka, bagashaka amafaranga kugira ngo umuhanda wubakwe. Ndetse bafunguye na Konti muri Banki y'ubucuruzi i KIGALI n° 99062/25. Icyo gitekerezo cyiza cyashyizweho umukono ku itariki ya 9/1992 n'aba bakurikira :
NIYITEGEKA Eliézer
MUKAMUSONERA Marigarita

KAREMERA Atanazi
NTAKIRUTIMANA J.Damascène

RUKUNDO Alufonsi
SEZIBERA Disimasi
RWABUKWISI Yohani
MBONIMPA.
Iryo shyirahamwe ryabo ryageze kwa noteri (notaire).
Natwe turabashyigikiye.

CATARAYIHA Antoine

TURASABA ABADUSHYIGIKIYE BOSE KUDUTERA INKUNGA BAFATA UBUGUZI (Abonnement). BITYO TUZARUSHAHO GUKORA NEZA KANDI TUBASHIMISHE.

## MOMBASA : TWASUYE INZU Y'IKINANI

K0007267

Mu kiganiro IKINANI cyagiranye n'abanyamakuru cyavuze ko nta n'itafari gifite i BURAYI. Muri AFURIKA ho yarifashe. Kubera inkuru nyinshi zavugaga ko gifite inzu i MOMBASA twanyarukiyeyo ku wa 14/10/92.
Twari ARUSHA aho twakurikiriraga bugufi imishyikirano u Rwanda rugirana na PFR. Itangiye kugenza amaguru make twihereje 398 Km ziri hagati ya ARUSHA na MOMBASA muri Bisi. Imodoka zitwara abagenzi muri turiya turere zigenda nijoro.



Umutamenwa w'IKINANI i MOMBASA. (+ 100.000.000 FRW)

### NI INZU Y'UMUGABO KOKO

Tugeze i MOMBASA, twari dufiteyo ibyitso byaducungiraga. Bitubwira ko inzu imaze igihe gito igurishijwe. Ubu ikaba ituwemo n'abazungu. Iri ahitwa MOMBASA ISLAND(ikirwa cya MOMBASA). Ku kanunga kariho inzu ya Perezida MOYI n'iy'uwahoze ari Minisitiri we. Hari n'i[illegible]i bakekaga ko ari iya M[illegible]TU. Ujyayo yambuka ikiraro kinini cyane gifite metero zirenga 700, akanyura kuri SOS MOMBASA hafi ya Hoteli y'ikirangirire yitwa REEF Hôtel ahantu hitwa MAMBA Drive, akagera ku nyanja aho abagore b'abazungu baba banitse ibibero. Wareba iburyo bwawe ugakubitwa n'inkuba. Abategetsi barakonze biratinda !
Twarabajije batubwira ko iyo nzu yari yarayiguze n'umwarabu muri 1982. Ngo yarindwaga n'abasirikari b'aba GP batanu bambaraga nk'ababoyi. Ikinani ngo cyahanyuraga rimwe na rimwe ubundi abanyacyubahiro bakahakorera iminsi mikuru n'abakobwa beza.
Nyir'amaso yerekwa bike ibindi akirorera.




Ujyayo anyura kuri SOS MOMBASA.

Kuki ariho agurisha ibintu bye hirya no hino kandi afite urubyaro ? Ese aragurisha koko cyangwa ni ukujijisha ? Abagira inyonjo bagira ibirori.

### MOMBASA YITWAYE NEZA

MOMBASA ni umugi mwiza ariko wubatswe kera cyane mu kinyejana cya 17. Hari amazu ashaje n'andi agezweho yubatswe vuba. Harashyuha cyane (46°C) ku buryo mu byumba bararamo hari ibyuma bihungiza. Kuvayo ujya i NAIROBI hari 484 Km.

Reportages réalisés par
MUSANGAMFURA Sixbert
et IBYIYINGOMA Déo
Journalistes de l'ISIBO

### IBIRIMO


- TWASUYE INZU Y'IKINANI P.3
- ARUSHA III BIS : DUKOMEZE ICYIZERE MU MISHYIKIRANO P.4
- UMUTEKANO : UBWICANYI BUREZE P.6
- HABYARIMANA YAHEMUKIYE MBONYUMUTWA P.9
- SIMBIKANGWA YARASAZE ABURA AMAGURU YO KWIRUKA P.12
- LE MINISTRE NZABONIMANA P.13
- HABYARIMANA SI UMUTUTSI P.13
- UBURYO BUSHYA BWO KWICA ABATUTSI P.14
- TOUR DU PAYS P.15-17
- TOGOLISATION DU RWANDA P.18

# ARUSHA III BIS : DUKOMEZE ICYIZERE MU MISHYIKIRANO

K0007268

**Kuva ku wa 5/10 kugeza ubu imishyikirano ihuza intumwa za Guverinoma y'u Rwanda n'iza FPR INKOTANYI iracyakomeza. Yagombaga kurangira ku wa 16 barayicuma ngo izarangire ku wa 22 none dore tugeze ku wa 27/10/92. Mu ISIBO N°70 twaneguye intumwa z'u Rwanda tuvuga ko zisubiye ARUSHA imbokoboko. Hari abo byababaje bavuga ngo duciye inka amabere nyamara twari mu kuri nk'uko bimaze kugaragara. Twabigarutseho mu N°72 aho twerekanaga icyizere twari dufite.**

## INTUMWA Z'U RWANDA NTITUZIBESHYERA

Minisitiri NGULINZIRA n'abo bajyanye bahagurutse koko bitwaje utuntu duke. Ngo impamba itazakugeza i KIGALI uyirira ku RUYENZI. Nabo bamaze icyumweru birakama. Nibwo Guverinoma yaboherereje indi mabwiriza kuwa 13/10/92. Nayo ntiyahagije ku buryo uyu munsi baboherereje ayandi atandukanye n'aya mbere. Birumvikana rero ko bagenda badafite ibyangombwa byose. Ikindi kigaragara ni uko abo mu gihugu bakomeza kubajombera. Twavuga cyane cyane abo muri MRND kubera itangazo Biro Politiki yayo yasohoye ku wa 23/10/92 ryamaganaga NGULINZIRA ngo yararengereye, ngo ariho arakora ibyo batamutumye. Izo kirogoya ziyongereye ku zindi nyinshi. Byatumye INKOTANYI zibasuzugura ngo "ese ibyo bazasinya ko ari hahandi bizemerwa na nde" ?

Ibyo biri mu bituma intumwa z'u Rwanda zigira ibibazo byinshi. Nazo zigahora zibunza imitima ngo nizitaha bazazimara. Nk'igitekerezo bajyanye cy'amatora y'abadepite b'agateganyo barakibitiriye. Perezida aragihakana na Guverinoma iracyanga n'amashyaka yose. Nyamara Guverinoma yari yakibatumye nk'uko ubutumwa bwo ku wa 13/10/92 bubigaragaza. Nabwo byagiye ari uko Minisitiri NGULINZIRA yari yohereje impuruza.



*NGULINZIRA mu gihirahiro*

## UBUTUMWA BWA GUVERINOMA (13/10/92)

1. Turashima imyifatire yanyu ARUSHA kuko muri mu murongo twabahaye.

2. - Ububasha bwa Perezida wa Repubulika na Guverinoma:

- Visi Minisitiri w'intebe turamwemera ariko azabe afite indi Minisiteri ashinzwe.

- Amateka ya Perezida, Minisitiri w'intebe n'abandi ba Minisitiri ajye anyura muri Guverinoma ariko ntizajye iba ariyo iyategura ntiyabona umwanya.

- Ntidushyigikiye natwe ko Perezida yahagarika icyemezo cya Guverinoma ariko abonyemo ikosa ikibazo yakigarura cyasubirayo akagifata uko kiri.

- Guha Perezida amasaha 48 yo gushyiraho Minisitiri w'intebe ni make cyane.

- Amategeko adasanzwe ashyirwaho na Minisitiri w'intebe amaze kubinyuza mu ba Minisitiri.

- Dushyigikiye ko urukiko rw'ikirenga rushyirwaho.

_ Perezida wa Repubulika na Minisitiri w'Intebe bageza ubutumwa kuri rubanda. Bugomba kuba buzwi bufite n'icyo bugamije cyemewe.

- Perezida wa Repubulika azabe umugaba w'ingabo ku izina gusa.

- Ibyo kugabana za Minisiteri no gushyiraho Porogaramu ya Guverinoma bizigwa n'amashyaka na FPR.

3. Ibyo tutarumvikanaho:

- Kwirukana abakozi bose ntitubishyigikiye na gato
- Igihe cy'inzibacyuho ntikizarenze amezi 18
- Gushyiraho abadepite b'agateganyo bizanyure mu matora cyangwa muri RUKOKOMA.

Ubwo butumwa nibwo Minisitiri NGULINZIRA yiziritseho kugeza ubwo Inkotanyi zatangiye kumuhima. Icyadutangaje ni uko i KIGALI buri wese yahakanaga ngo ntawabimutumye kandi impapuro zihari.

## IBISHYA TUTAVUZE MURI N°72

### PEREZIDA WA REPUBULIKA YAMBITSWE UBUSA

- Perezida wa Repubulika azashyiraho Minisitiri w'intebe

bamuhitiyemo mu minsi itatu. Nayirenza Minisitiri w'intebe yishyireho ahite atangira akazi.
- Perezida asinya ibyo agejejweho byose mu minsi 10. Yayirenza Minisitiri w'intebe akabyisinyira cyangwa Perezida w'inteko ishinga amategeko.
- Abakozi ashyira mu myanya abiherewe uburenganzira na Guverinoma ni : ushinzwe ibiro bye, chansoriye w'imidari, Guverineri wa BNR, uyobora Kaminuza, ba Ambasaderi, umunyamabanga mukuru wa Guverinoma, umunyamabanga we wihariye, abajyanama be, abayobora ibiro bya Minisitiri n'abajyanama, MBURAMATARE gaheraheza wo mu rw'ubujurire.

- Perezida wa Repubulika na Minisitiri w'intebe babwira rubanda ubutumwa bahawe na Guverinoma.



*Avoka NDORIMANA w'Inkotanyi*

## GUVERINOMA NZIBACYUHO NSHYA

## IGITEGO :

- Minisitiri w'intebe ategura Porogaramu ya Guverinoma ahereye ku masezerano y'amahoro no ku bitekerezo by'amashyaka ari muri Guverinoma.
- Ahitamo ba Minisitiri.

- Yereka inteko ishinga amategeko Porogaramu ya Guverinoma n'abaminisitiri bazafatanya.
- Agena umurongo w'ibyigwa mu [illegible] Minisitiri bawujyaho inama mbere yo kuwukurikiza.
- Ashyira mu myanya abakozi bakurikira :
Umuyobozi w'ibiro bye, abungirije Guverineri wa BNR n'umuyobozi wa Kaminuza, abajyanama n'abakuru b'imirimo mu biro bye, ba Perefe, abayobora ibigo bya Leta, abayobozi bakuru muri za Minisiteri, abahagarariye Leta mu bigo byigenga n'amasosiyeti Leta yashoyemo imari, ba Diregiteri n'abakozi bakuru muri za Minisiteri, ba Superefe, ba Burugumesitiri, ba Avocats bo mu rusesa imanza (avocats généraux), abashinjacyaha bakuru bo mu rw'ubujurire na za Pariki (ba Subusititi na ba Polokireri). Abayobora ibiro n'abandi bakozi bakuru (chefs de bureaux) bashyirwaho na Minisitiri w'abakozi ba Leta.
- Ashobora gushyiraho amategeko adasanzwe
- Niwe ucunga ingabo

## MINISITIRI W'INTEBE WUNGIRIJE

- Asimbura Minisitiri w'intebe abiherewe nawe uburenganzira
- Aramusimbura iyo agize impamvu zimuvanaho
- Afite indi Minisiteri ashinzwe

## GUFATA IBYEMEZO

Bakurikiza uburyo bumvikanyeho. Ibyemezo bishobora gufatwa na 2/3 by'abaminisitiri bahari.

## INTEGO ZA GUVERINOMA

- Demokarasi yuzuye inyuze ku matora
- Kugarura amahoro mu gihugu hose no kwumvikanisha amoko n'uturere
- Kurinda inkiko z'igihugu

- Kurandura ivangura iryo ariryo ryose
- Kureshyeshya abanyarwanda imbere y'imirimo, amashuri n'amategeko
- Gutegura RUKOKOMA k'ubumwe bw'abanyarwanda



*MUGUNGA E., yirirwa ahabura*

- Gusubiranya ibyangijwe n'intambara no gusubiza mu byabo ababivuyemo
- Kwita by'umwihariko ku bimuga by'intambara n'impfubyi no kuzirikana ingabo zizavamo

- Gucyura impunzi.

## IBINDI

- Indahiro ikorwa mbere yo kuba Minisitiri yarahindutse ku buryo bazajya barahirira igihugu aho kurahirira Perezida.
- Perezida ntazongera kujya ategura amategeko (nta bakozi azaba afite bahagije)
- Urukiko rw'Ikirenga ruzajya rureba ko amategeko atavuguruza itegeko nshinga kandi rushyireho n'abacamanza

- Itegeko nshinga rizategurwa n'akanama k'abahanga gakorana n'abadepite. Rizemezwa na KAMARAMPAKA.

## IBYO BANANIRANYWEHO

Kugeza ubu bananiwe kwumvikana ku igabana rya za Minisiteri no gushyiraho inteko ishinga amategeko y'inzibacyuho.

## IMPUNGENGE

Imishyikirano imaze kugera kuri izo ngingo yaradindiye. Buri wese atsimbarara ku bye. Byabaye ngombwa ko igihe cyagenwe kiyongera mu gihe bari bategereje ko Leta y'u Rwanda idohora. Hagati aho Leta niyo yagombaga gutunga abari mu mishyikirano bose u-

retse indorerezi. Umwuka wakomeje kuba mubi ku buryo "abasederi" b'abahutu "n'abasederi" b'abatutsi bifuzaga ko biburiramo bakirwanira. Tumaze kumenya ko Leta y'u Rwanda, ibigiriwemo inama na TANZANIYA n'abanyamerika imaze kwemera ko abadepite bashyirwaho badatowe ndetse na za Minisiteri bakazigabana bakurikije ibice bitatu bazikubiyemo (ubusugire bw'igihugu, ubukungu, imibereho ya rubanda). Buri wese agafatamo imwe. Amashyaka azinjiramo hamwe na FPR ni MRND, MDR, PL na PSD. Ayandi agakaraba. Ndetse no mu nteko ishinga amategeko ntazasunutsaho utuzuru. Hari uwabajije ikibazo cya PDC bamubwira ko MRND izi[illegible]wa kuri Minisiteri 3 isi[illegible]anye (MINADEF, MINIPLAN n'iy'abagore). Ikibazo cya CDR cyo ntibakitayeho na gato ngo "nibabara iziyahure cyangwa ihekenye amenyo iyamarire mu nda".
Dufite impungenge ko bizatera akajagari. Ariko se aba CDR bazahangana na Guverinoma ikaze cyane, na FPR, na MDR, na PL na PSD n'abasederi b'abatutsi itere kabiri ?

Sixbert MUSANGAMFURA
ARUSHA

> **GUVERINOMA NSHYA (PRONOSTIC)**
>
> PRESIREP : MRND
> ~~1er Ministre : MDR~~
> Vice 1er Ministre :FPR
>
> MRND
> - MINADEF
> - MINIPLAN
> - MIFAPROFE
>
> FPR
> - MININFOR
> - MINIFIN
> - MIJEUMA
> - MINESUPRES
>
> MDR
> - MININTER
> - MINEPRISEC
> - MINAGRI
>
> Secrétariat d'Etat (Réhabilitation après guerre).
>
> PL
> - MINIJUST
> - MINITRASO
> - MICOMART
> - MINITRANSCO
>
> PSD
> - MINAFFET
> - MINITRAPE
> - MINISANTE
> - MINIFOPE
>
> PDC
> - MINETO

# UMUTEKANO : UBWICANYI BUREZE

## ABIVUMBUYE K'UBUTEGETSI BW'IKINANI BASHIRIYE KU ICUMU

Umva ko SIDA yica da ! Barayibeshyera ahubwo habonetse ikindi cyorezo simusiga mu gihugu hose. Abafite Virusi yo kwanga IKINANI n'ishyaka rye, ubu nibo bagezweho bicwa, ubu nibo barunze ahenshi mu bitaro. Byaragaragaye ko ubutegetsi bwose bugiye guhirima, bugenda bwisasiye imbaga. Muri 1959, aho rubanda nyamwinshi yipakuruye ingoma ya cyami, naho abantu barapfuye, nyamara kandi iyo ngoma nta ngufu nyinshi yari ifite nk'iyubu, ntibyabuze ko ivaho ihitanye bamwe mu barwaniraga demukarasi.

### I[illegible]ERAHAMWE ZASIMBUYE SIDA

[illegible]one se ingoma y'IKINANI i[illegible]atabagana imaze guhitana [illegible]bantu bangana iki ? Ifite [illegible]mbunda, ifite abasirikari, [illegible]fite amaband[illegible], ifite ibyiso by'ubwoko bwose. Umuti i uwuhe kugirango iyo ngo[illegible]a ihirime ihitanye bacye [illegible]ashoboka ? Jye ndasanga ukwiye guhaguruka n'imizi [illegible]'imiganda, tukajya mu mi[illegible]anda ubudahagarara, tuga[illegible]aba amahanga ashyigikiye mahoro na Demokarasi akaudufasha, tugasaba INKOTAYI kutananiza Guverinoma u mishyikirano, bagahagaika ~~intambara~~ burundu, kandi bakemera kuza vuba kugira ngo ingufu zihangana n'ingoma y'ubwicanyi zibe nyinshi. Biti ihi se, bakaba baturetse tukabanza tukavanaho IKINANI, nyuma imishyikirano ikazakomeza igihugu gifite umutekano. Uwabona undi muti yabitubwira kuko byihutirwa cyane.

### UMENYA ARI ABAZIMU BAMUTEYE

Aka kanya ntituribagirwa ubwicanyi n'urugomo bimaze kuyogoza igihugu hirya no hino, ngaho za RWAMATAMU na BWAKIRA ku KIBUYE, aho batwikiye abantu, bakica n'abandi, NYANDWI Paul n'uwitwa TATARI bakahasiga agatwe, NYAMUGARI mu RUHENGERI aho MUNYANEZA n'umukecuru we bapfuye bazize interahamwe ziyobowe na RUCAGU, i BICUMBI kwa SEMANZA, i KABUYE muri RUTONGO aho basenyeye RUDASINGWA bakarasa urufaya abana bato biryamiye. I MURAMBI kwa GATETE, aho yamariye abantu muri Pariki y'inyamaswa, ubu uwo amaze guhitana vuba aha akaba umucuruzi RUTAYISIRE Kasiyani. I KANZENZE kwa RWAMBUKA hari amatongo atagira umubare, i KIGEMBE Burugumesitiri SEMANYENZI wa MRND yavuyeho yisasiye umuntu. I NYAKIZU naho ni uko GASANA yarashe umurwanashyaka wa MDR nyuma ara-

K0007271

toroka. I GISUMA muri CYANGUGU ni ibicika, muri SAKE na RUKARA i KIBUNGO byaracitse, i KIBIRIRA, RUBAVU na GASEKE bya GISENYI ntibatanzwe, i NYAKABANDA na RUNDA bya GITARAMA bararushanwa, aho hose kimwe n'ahandi henshi, abantu barapfuye bazize ko bipakuruye IKINANI n'ishyaka rye.

ro. Ikindi ni uko amahoro abonetse, bigaragara ko IKINANI cyaba gitsinzwe, none rero, harakorwa ibikorwa by'ubwicanyi kugira ngo abafite inyota yo kuva mu buhungiro basubize amerwe mu isaho, bamenye ikibategereje icyo aricyo. Bityo IKINANI kizongere kirahire kivuga ko cyananiye amahoro.

Uko byagenze ngo uwo mu JP yavugiraga muri ka kuma kabo, kandi ari aho umu JDR amaze gukubitirwa. Ubwo aba JDR batabaye baramufashe bashaka kumusaka, umwe muribo agiye kwikangarira umu GP aramwirukankana, undi aragwa, ahita amurangirizamo amasasu. Byabaye agaho-

**MDR GISENYI IRASHIMA**

MDR GISENYI yishimiye kwakira mu barwanashyaka bayo Depite NIYITEGEKA Donatila wibohoje ku wa 20/10/92. Yandikiye IKINANI uwo munsi acyoherereza n'ikarita y'agafuni n'agahoro N°B 2661. Bazamwambikira muri Mitingi izabera i VUNGA (GICIYE) ku wa 1/11/1992.




## UKO AMENYO AKUKA NIKO UBUKARE BWIYONGERA

Hari igihe abantu babonye agahenge nyuma y'ibikorwa bibi byari bimaze kuzenguruka igihugu cyose. Bamwe bati aratwumvishije none umenya agiye kuruhuka. Reka da,muri ino minsi byafashe intera noneho ikabije. Bamwe bati, ARUSHA yakuye intare amenyo, none igiye kutumarisha ibihanga. Nibyo koko hari abatishimiye ko imishyikirano y'amahoro yagerwaho kuko byaba bibangamiye inyungu zabo, ndetse imbehe zikubama, abo rero nibo bakomeje kujomba ibikwasi abakunzi b'amaho-

## MURI KIGALI HO BIRAKABIJE

Muri iyi minsi urusasu ruravugiriza ubutitsa. Urajya kumva ukumva ngo kanaka yapfuye azize abagizi ba nabi, cyangwa ngo umu JDR kanaka yarashwe, umukombozi yarashwe, uhagarariye PL aha naha yaraye apfuye.Ndetse ngo byaba ari umusogongero, kuko ngo hari lisiti ndende y'abagomba gupfa ntibazabone itsindwa rya MRND.

Dore hamwe haguye abantu:

Aho bita ku GIPOROSO (indiri y'interahamwe). Umu JP yivuganye umurwanashyaka wa MDR amanywa ava, mamunwa kubona umusirikari arasa umuntu wituye hasi, kandi ntacyo yamutwaye. Ubuuwo musirikari arigaramiye, idosiye ifitwe na Parike.

Mu GAKINJIRO umukombozi yarahaguye azize umupolisi, ubwo uwo mupolisi bamujyanye kuri Parike afite imbunda, ashyigikiwe. Parike yagiye kwandika impapuro zimuhagarika aba yigendeye. Perefe RENZAHO ati umupolisi wanjye ararengana, niba uwo mukombozi ari igisambo, yagombaga kuraswa.

Ku giti cy'inyoni ryarayamye, interahamwe zateze aba MDR bigira muri Mitingi bakubita abantu hafi yo gupfa abenshi bari mu bitaro, basenya na Pharmacie ihari,

hafashwe 4 bagitegereje kureba uwo basonga, ndetse hafatwa n'umugabo wari ugiye kubacikisha n'imodoka. Abandi ubwo bari bageze i REMERA binywera inzoga bavuga amarorerwa bamaze gukora.
Mu NYAKABANDA naho ryaraketse, uwo munsi abo mu NYAKABANDA bumvise ko bwije batamennye amaraso, bajya gushaka aho aba MDR bakorera Mitingi, bahuye n'umugabo wigenderaga witwa SIMPARINKA Telesphore, baba baramugushije azize ko yambaye ingofero ya MDR. Abamwishe bahise bafata Minibisi itaramenyekanye, ariko muri bo baravugamo : Idriss (umudozi wo mu isoko rya BIRYOGO, MUGESERA utuye mu BI...GO na SUKALI ukora muri ...ECTROGAZ.
Muri Komini KANOMBE, ho harahiriwe, umenya ari uko hatuye umukuru w'Interahamwe. Muribuka ibitero byatewe aba MDR bahatuye nka MAGARAGAZA Thaddée, SEBAWARE André, BANGAMWABO Sitanisilasi n'abandi.
Ijo bundi ku wa 18/10/1992, bongeye gukorerwa amarorerwa, aho aba CDR bigaragabyaga, bakumva bidahagije akajya kwivugana BYABAGABA Straton umukuru wa PL uri komini KANOMBE.
a gashozamvururu bo muri DR muri icyo gikorwa cy'ubwicanyi baramenyekanye harimo BASHODOYIKI (IMPRICO), BUTERA (MINEPRISEC), AHEZAYABO (MINEPRISEC), MUYABARENZI (AIR RWANDA), KADEKWE Papias (AIR RWANDA), SHAGAYE (umucuruzi), Athanase na Raphaël (AIR RWADA).
u wishe BYABAGAMBA, hari bamenyekanye barimo : MUOMBO (TAXIMAN), Juma alias ACUHO, Pascal (wakoraga uri ONATRACOM), Yohani : mucuruzi wo kwa MUTALYAYA, Pierre bita CDR na YANSI Patrick.
bo bicanyi baje mu modoka TOYOTA HILUX AB 1244. Ubu go idosiye iri kuri Parike riko ngo hari impungenge o itagira icyo igeraho ngo uyifite nawe ngo yaba ari CDR.
Inkuru za nyuma ziratubwira ko BYABAGAMBA mubyo azize, uretse kuba yanga CDR urunuka, ngo yaba yanoherezaga amakuru kuri Radiyo ya VATIKANI (i ROMA).
Ibyo rero ngo bikaba byarababaje bamwe mu bakuru ba Kiliziya Gatolika, bikababaza n'IKINANI kuko ibyo babeshyaga kwa Papa i ROMA ngo BYABAGAMBA yacaga inyuma akabivuga imvaho.

## AMASHYAKA YARAZINDAYE

Iyo urebye ubwicanyi bwinshi bwabaye, usanga harimo ibibazo by'amashyaka. Yego hari abatewe ndetse hakavamo n'ibitambo, akenshi ari ubusambo bwakomejwe n'intambara kuko intwaro zakwirakwiye mu bantu. Niba rero abenshi bazira amashyaka barimo, kandi ayo mashyaka akaba adashoboye kwerekana ko atagomba guhonyorwa nk'ikimonyo, yaba atereranye abayoboke bayo. Simvuga ngo nihabe intambara y'amashyaka, ariko nibarebe icyatuma ubwicanyi bugabanuka. Nibarebe icyatera abakuru b'amashyaka yicana CDR na MRND kumva ko mbere yo kuba mu mashyaka, ari abanyarwanda. Nibumvishe Jenerari ko kwicana atari byo bizatuma atsinda. Abaturage nibumve ko ababwira ngo nibicane babashuka. Wowe muturage urunguka iki wishe mugenzi wawe? Wowe mu G.P urunguka iki urashe umunyarwanda mugenzi wawe ? Mbese reba ibyo umaze kugororerwa kubera ko wishe abantu. Ugutuma aragushuka, nibikomera azasota nawe imbwa zikubone. Uramenye ko umunyarwanda adapfa kwibagirwa.

## ABACAMANZA BABIFITEMO URUHARE

Birababaje kubona abantu bafatanwa gerenade bagiye gutera ahantu, cyangwa bagafatirwa mu cyuho, bashyikirizwa ubucamanza, bakagutanga kugera mu rugo, cyangwa se abakuru b'amashyaka abohereza bakakameza kuri Parike cyangwa brigade ngo nibabarekurire abantu. Jye ndemeza ko abashinzwe umutekano, n'abacamanza mu nkiko na za Pariki bagiye bihangana ntibagire aho babogamira, bagahana bikwiye uwo basanze icyaha kimuhama, bakima amatwi abaje gutera imbabazi, urugomo rwagabanuka. Rero ngo ntibashaka guterera uwabagabiye. Ndacyeka ko ibyo bamukoreye ari byinshi, ubundi barekera aho bagakorera u Rwanda n'abarutuye bose.

HABIMANA Jacques



urifuza ko tuhagenza dute ? Jye ndamubwira nti umva, Leta y'u Rwanda yabikoze niyo igomba kubirangiza kuko ntabwo nari nzi icyo bagomba gukora kumva y'umuntu bashyinguye ku KARUBANDA. Icyo nifuza cyane cyane ni inyandiko nzereka umuntu wese waza avuga ati hariya hantu hameze neza ngiye kuhashyira ikibuga cy'umupira, hameze neza ngiye kuhaca ikibanza iki n'iki, il faut que ngira inyandiko mwereka. Iyo nyandiko rero na nubu niyo mparanira.Niyo nshaka, niyo ntaragerageraho.

ISIBO : *Muteganya gukora iki Leta iramutse ikomeje kwica amatwi ?*

M.M.C:Leta ntabwo ishobora gukomeza kutwihorera kuko wa-..kye iriya nyandiko yatwa-..ikiye itwemerera ibyo izahakora. Igomba kubikora kuko nzayirega. Niyo napfa ntarangije urwo rubanza, ruzafatwa n'uzasigarana ibyanjye byose. Leta rero ntishobora kuzaceceka ngo biherere aho ngaho.

ISIBO :*Hari abantu bibaza bati iyo icyo kibazo wongera ukagishyikiriza HABYARIMANA, ukumva icyo abivugaho.*

M.M.C : HABYARIMANA naramubuze, nashoboraga kumubona ubwo nari maze kubyandika muri KINYAMATEKA, atumira umuryango wose. Ariko icyo gihe, nagize ubwoba bw'umujinya yagombaga kuba afite, kandi usanga igihe namushakiye nta-..ubonye,ntabwo nigeze njya-.. n'abandi, kandi ikibazo cyanjye ntabwo ari ikibazo cy'ubutegetsi ngo ndashaka kuba Burugumesitiri w'aha n'aha cyangwa kugira gute. Ni ikibazo kindi ku mutima, ntabwo kigomba kujyana n'amatiku ya Politiki.

HABYARIMANA natanyumva ngo yumve ko nawe yabyaye., ngo yumve ko nawe yabyawe, ngo icyo kibazo acyakire nk'umuntu wabyawe, wabyaye kandi uzapfa nawe agahambwa, ntabwo nshobora kuzavugana nawe.

ISIBO:*Ku bwawe ubuhemu bwa Leta na HABYARIMANA bushingiye kukutarangiza amasezerano bagize kuri kiriya kibazo ?*

M.M.C : Mbona barampemukiye cyane kuko igihe bari biyemeje kukimvanamo, gukuraho uruhare rwose nari mfitemo, bakagikora, nanjye nkabizera, bagombaga no kukirangiza bakacyereka abanyarwanda bose. Ubwo rero, iyi myaka itanu maze marana, mparana ntazi n'inzira nyuramo bansubiza inyuma, bamwe banyakira, abandi bansubiza inyuma, abandi banseka, barampemukiye cyane. Ikindi nakubwira ni uko uriya mubyeyi wacu yapfuye nta rubanza afitanye n'umunyarwanda uwo ariwe wese, uretse ko twe dusanga HABYARIMANA yarashatse kuturimanganya. Nareke guhuzagurika kuri icyo kibazo cyane cyane ko ngo igikorwa amushimira cyonyine ari uko yamujyanye mu busirikari gusa.

ISIBO : *Ese mukemanga ahantu ashyinguye cyangwa uburyo yashyinguwe ?*

M.M.C : Icyo nakemanze si hariya hantu, kuko iyo bashyira mu gaciro bari kuhasomera misa, ariko agashyingurwa mu irimbi. Impamvu ni uko ariho yatorewe n'imbaga nyamwinshi y'abaturage ku wa 28/1/1961.

ISIBO: *Mu nyandiko mwigeze gukora mwifuje ko umubyeyi wanyu yavanwa hariya ahambwe. Ibyo mwaba mukibyifuza ?*

M.M.C:Icyo gitekerezo ndacyagifite, mu gihe bakimuterera. Ntabwo nshaka ko umubyeyi wanjye bamuteragirana. Muri Mitingi bati, ntidushaka ko stade ya demukarasi iba irimbi. HABYARIMANA nawe akanangira ati MBONYUMUTWA nagume hariya ariko ntazina rye nshyiraho!

Ejo bundi hazaza undi nkuko nabikubwiye, avuge ati hano hantu ni heza ngiye kuhakata ibibanza, narindi ari hagati y'amaduka. Ubwo rero nafata ubutwari bwose mfite, ngafata umubyeyi wanjye, nkamushyingura ~~ahantu agomba kuguma~~, ariko atari ahantu bamuteragirana. Ikosa afite ni irihe ? Kiriya cyemezo cyafashwe yapfuye, ntacyemezo cye nubu ndabona cyemeza yuko yaba yaremeye ko bamushyingura hariya. Icyo gihe rero ni umwana w'umuntu bireba ugomba kurangiza ibibazo byose ise asize. Kiriya ni ikibazo, ndetse sinatinya kuvuga ko ariya ari amafut.. Igihe cya Tradition orale : cyararangiye ntabwo nzajya ngend.. ntunga agatoki ngo hariya niho bashyinguye data. Ubwo rero urumva ko jyewe ku bwanjye numva ko umuntu wese ntamenya igihe azapfira, ni nayo mpamvu nacyihutana, nkamusiga ahantu agomba kuba ari iteka ryose.

ISIBO : *Ni iki mwakongera ku kiganiro tumaze kugirana ?*

M.M.C : Icyo nongeraho, ni uko kugirango HABYARIMANA ashake gusisibiranya MBONYUMUTWA muri stade ya Demukarasi, ahubwo nakurikize urugero rwe, yorohere abanyarwanda, kuko na MBONYUMUTWA yari yatowe n'abaturage. Dore abahutu batangiye kwicamo uduce bahigana kubera we. Sigaho HABYARIMANA kuzana amacakubiri mu bahutu kandi KAYIBANDA na MBONYUMUTWA barakwizeye. Reka abataha batahe we kubadukangisha ngo bagiye kugarura ubwami kandi abanyarwanda bose barabusezereye burundu.

N.D.L.R :

*Umva ko HABYARIMANA amenyereye guhangana n'abandi mu nkiko, mureke tuzarebe uko ibye na MUKAMUGEMA bizagenda. Yaburanye nyinshi kuriya nirumusiga amahoro simbizi! Twaranasetse tubonye igisubizo cya MINESUPRES ivuga ngo imva ya MBONYUMUTWA na RUDAHIGWA byaturutse he kubashyira hamwe ? Ese kuki batavuze iz'abandi bategetsi b'u Rwanda bagahitamo abo babiri gusa ?*

Editeur:Agence KIGALI Presse
B.P.2258 KIGALI
Directeur de Publication:
MUSANGAMFURA Sixbert
Tirage: 3000 exemplaires
Imprimerie Nationale du RWANDA
B.P. 351 KIGALI.

Kigali, le 2 Avril 1992

Nyakubahwa NTAGERURA Andereya
Minisitiri w'Imirimo ya Leta n'Ingufu
B.P. 24
KIGALI.

K0007275

Bwana Minisitiri,

Mfatiye ku biganiro twagiranye kuri telefone mukanyizeza ko mugiye kwandika izina rya MBONYUMUTWA Dominiko ku mva ye, ndagirango mbashimire ko ikibazo mwacyumvise uko giteye, mbasaba ko ku itariki ya 26.07.1992 mwazaba mwarangije uwo muhango ubundi utaruhanyije. Nibitaba ibyo, Leta y'u Rwanda Minisiteri yanyu ihagarariye muri kiriya kibazo izaba ishaka gusisibiranya MBONYUMUTWA Dominiko muri Stade ya Démocratie kandi ibyo bintu bidashoboka. Ntimuzasisibiranya Démocratie kandi yaje. Ntimuzasisibiranya MBONYUMUTWA kandi yarakoreye igihugu kugeza apfa.

- Ari mu bantu ba mbere bariwe n'ingoyi y'ubuhake akayigobotora ashaka kujya mu ishuri.
- Amaze kwiga yagabanye imirimo yakorwaga n'abari baramuhatse ntiyihutura ngo yibagirwe imbaga nyamwinshi yakomokagamo, arwanya ubuhake kugeza aho burundukiye muri 61 aribwo yatorerwaga kuba Prezida wa mbere w'u Rwanda.
- Yacunze inzibacyuho yo mu buhake no mu bukolonize, igihe kirangiye asubiza ubutegetsi nkuko muri Parti yabo bari barabiteganyije.
- Yatabarutse agikorera igihugu nkuko abategetsi babishakaga, kubera ko itegeko rigenga abanyapolitiki ryari ryaradindijwe, naho ubundi yari kuba yarahawe pension.

MBONYUMUTWA Dominiko agomba imva mu gihugu cyamubyaye.

Mugire amahoro Nyakubahwa.

MUKAMUGEMA M.Claire.-
Umwana wa kabiri wa Dominiko MBONYUMUTWA

B.. nyeshejwe :
- Perezidansi ya Repubulika
- Journal KINYAMATEKA.

---

REPUBLIQUE RWANDAISE
MINISTERE DE L'ENSEIGNEMENT SUPERIEUR, DE LA RECHERCHE SCIENTIFIQUE ET DE LA CULTURE

B.P. 624 KIGALI
Tél. 82745-8 305;

Kigali, le 11 Avril 1992
N°14.04/03/611

Monsieur le Ministre des Travaux Publics et de l'Energie
KIGALI.

Objet : Protection des tombes de RUDAHIGWA et MBONYUMUTWA

Monsieur le Ministre,

Faisant suite à votre lettre n°11.04.081/8363 du 9 Juillet 1991 ...tive à l'objet repris en marge, j'ai l'honneur de porter à votre connaissance qu'il existe dans mon Département un ...taire de sites et monuments historiques que nous nous proposons de compléter au fur et à mesure du classement des sites et monuments.

En ce qui concerne la tombe de feu MBONYUMUTWA et sa protection effective, il ya lieu de noter que le décrét-loi du 16 Août 1939 sur la Protection des sites, monuments et production de l'art indigène n'a jamais été mis en application, spécialement en son article premier, où il est question du classement des immeubles et meubles par le Gouverneur Général, prérogative qui devrait revenir actuellement au Président de la République. Il faut également noter que le classement des immeubles et meubles est une procédure préalable à leur protection et conservation.

Cependant, ainsi que nos services vous l'ont déjà oralement proposé, en attendant l'actualisation de ce décrét, je pense que votre Département pourrait apposer une enseigne d'identification à l'endroit où feu MBONYUMUTWA a été enseveli et y ériger un "Mémorial MBONYUMUTWA". Une autre enseigne indiquerait le nom de la place ("place de la Démocratie") passé dans l'usage courant. Ces actes étant administratifs, ils relèvent de votre compétence. Il ne peut en être autrement puisque la tombe de feu MBONYUMUTWA n'est pas encore classée monument historique faisant partie du patrimoine culturel du Rwanda.

Le Ministre de l'Enseignement Supérieur, de la Recherche Scientifique et de la Culture,

CYUBAHIRO Constantin

Copie pour Information :
- Son Excellence Monsieur le Président de la République Rwandaise. KIGALI.-
- Monsieur le Premier Ministre KIGALI.-
- Monsieur le Ministre de l'Intérieur et du Développement Communal KIGALI.
- Monsieur le Préfet de la Préfecture de GITARAMA GITARAMA

KIGALI, kuwa 15/4/92

A. Y'U RWANDA
.i y'Imirimo ya Leta n'Ingufu
:IGALI.

Madamu MUKAMUGEMA M.Claire
KIGALI.

K0007276

Madamu,

Nkurikije ibaruwa yawe wanyohereje ku itariki ya 2 Mata 1992 .nye no kwandika izina rya MBONYUMUTWA Dominiko ku mva ye hamwe n'indi baruwa N°11.06/03/611 yo ku wa 11 Mata 1992 ;jwe na Minisitiri w'Amashuri Makuru n'Ubushakashatsi mu by'Ubuhanga, nejejwe no kukumenyesha ko mu rwego rwo .iza icyo cyifuzo cyawe, Minisiteri nshinzwe yiyemeje gukora gahunda y'iyi mirimo ikurikira :

ı ku itariki ya 14 Mata 1992, hatangiye imirimo yo gusukura iruhande rw'iyo mva.

rsi makumyabiri n'umunani ikurikira, hazakorwa beto (dalle de la Tombe) yo gutwikira hejuru y'ubutaka bw'iyo mva bipimo bikurikira :

bure (longueur) : 2.50 m
li (Largeur) : 1.50 m
·imba (épaisseur) : 0.24 m

uirimo nirangira, hazubakwa ibuye (pierre tumulaire) rifite ibipimo bikurikira :

ıgarike hauteur) : 1.25 m
ıri (Largeur) : 0.55 m
jimba (épaisseur) : 0.12 m

rimo nayo iteganijwe kuzarangira mu minsi 14. Hagati aho, Minisiteri nshinzwe izaba inashakisha umuhanga mu byo kö .i iryo buye ku buryo duteganya ko iyo mirimo yose yaba yarangiye mu mpera z'ukwezi kwa Gatandatu 1992.

Ndizera ko iyo mirimo yose nirangira impungenge zawe zizaba zishize ndakomeza kukwizeza yuko Leta y'u Rwanda izakomeza gukora ibishoboka byose kugirango uwo Nyakwigendera agumane hiro cyimukwiye.

Mugire amahoro.

Minisitiri w'Imirimo ya Leta n'Ingufu
NTAGERURA Andereya.-

ıeshejwe :

ıubahwa Prezida wa Repubulika
Rwanda
ıLI.-
ıubahwa Minisitiri w'Intebe KIGALI.-
isitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu
najyambere ya Komini KIGALI.-
isitiri w'Amashuri Makuru n'Ubushakashatsi
by'ubuhanga KIGALI.-
efe wa Perefegitura GITARAMA
ARAMA.-

# IMBIKANGWA YARASAZE ABURA AMAGURU YO KWIRUKA KU GASOZI

Mwese mwumvise akamuga ;asirikari kitwa SIMBI-;WA gakunze kugaragara bi byo gutoteza aba-si abanyenduga maze era munyamakuru kaki-a ubumuga bwako.

ngirwa Kapiteni yavuzwe shi mu bintu by'ubwica-. Muri iyi minsi gahugi-mu bintu by'amabombe, za ıe na gerenade gaha abi-ıyi nk'uko bimaze guta-ızwa n'abantu benshi. Ejo ıdi umunyamakuru Marie ance CROS wa "La Libre lgique" yagatunze ikaramu uga ko Sénateur VOLKSUNIE yatangaje abagize ka ga-iko k'abicanyi (escadrons ı la mort) akakavugamo.SI-IIKANGWA yahise ata umutwe ɔura amaguru yo kwiruka. ıbwo ahuye n'undi bwenge ıcye amubeshya ko yakwa-dikira umunyamakuru amutu-a. Niko guhena, arikanira. babonye iyo baruwa bareme-a ko SIMBIKANGWA yamugaye o mu mutwe akaba asigaye ri igipampara gifureka gu-... bashyira mu mirima ngo gi-kange inyoni (ikigashari).

Mu gusubiza iyo nyandi-ko y'urupapuro rumwe, SI-MBIKANGWA yujuje impapuro 5 zuzuye amarangamutima gu-sa. Dore akamuvamo :

<<- *Bari barambeshye ko witonda, nahoraga nemera ko* HITLER *(wa mwicanyi wo mu* BUDAGE) *afite ukuri igihe yavugaga ko abazungu ba ruguru (aryen) basigara ku isi bonyine. Abazungu ndabakunda cyane kubera uruhu rwabo. None wowe waranyumije.*

*- Natangajwe n'abantu 12 uvuga ko turi abicanyi, ba rutwitsi na ba rusahuzi. Muri bose ukora muri Perezidansi ni* Colonel SAGATWA *wenyine kandi twese tuzi ko ari intama! Ba* ZIGIRANYIRAZO, RWABUKUMBA, SERUBUGA, NZIRORERA *ntibagikorera Leta. None se Perezida azabacire ishyanga ? Hari naho uvuga* NTIRIVAMUNDA *umukwe wacu nanjye* SIMBIKANGWA *w'akamuga. Wahimbahimbye amasano hagati yacu bikaba bigaragaza ko warindagijwe n'ubunyapolitiki bwacu bwirirwa bubeshya.*

*- Ngo Perezida araboshye ! Nabonye mu mutwe wawe ntakirimo, uri igicucu rwose. Kubona utumva ko abo tutavuga rumwe badusebya! Mu Rwanda hica amabandi n'inkotanyi zihishe muri* MDR *na* PL.

*Kuki udusiga amaraso wa mugore we ? Ko bene wanyu banditse bashima* HABYARIMANA *wowe uba mu biki ?*

*• Icyo utazi ni uko amashyaka menshi yatuzaniye rwaserera. Abanyamashyaka ni amabandi, abicanyi n'ibyihebe twahoraga dufunga. Abandi bibera mu bapfumu.*

*- Ni nde wica abaturage atari amashyaka n'inkotanyi? Birirwa babohoza, bica, batwika twebwe twigaramiye.*

*Twebwe twitangiye* HABYARIMANA *(nous sommes ses inconditionnels). Naho kudusebya kandi turi ibihangange (de grands hommes) nibyo bizatuma tudapfa (immortels).*

*-* AFRICA *Janvier uvuga ntaho yize n'ikinyarwanda ntazi kucyandika. Yahoze ari umuboyi. Nkohereje kimwe mu binyamakuru yanditse kugira ngo nawe wirebere. Uzabwire* INKOTANYI *zigusemurire.*

*Urabeho, ariko nunyura i* KIGALI *ntuzagende utaturebye*>>!

SIMBIKANGWA Pascal
B.P. 125 KIGALI.

Iyo baruwa yamenyeshejwe Perezida, Minisitri w'Intebe, CND, ba Ambasaderi n'abandi benshi. Bose ubu barumiwe baravuga bati niba uriya musazi agira HABYARIMANA inama, u Rwanda rurakomerewe cyane !

Ngaho aho SIMBIKANGWA ageze, nyuma y'amaguru yacitse n'ubwonko burashegeshwe. Ngo asigaye yikundira amaraso gusa !

CACINYA-KIGALI

K0007277

# : MINISTRE NZABONIMANA EN FLAGLANT DELIT DE DETOURNEMENT DE FONDS PUBLICS

VR BANQUE NATIONALE DU RWANDA

OUVERNEUR Réf 010/92-166/N.D./ng.v. B.P. 531 KIGALI, le 2 octobre 1992

**URGENT**

Monsieur le Ministre de la Jeunesse
et du Mouvement Associatif
B.P. 1044
KIGALI

nsieur le Ministre,

Je viens de recevoir votre lettre réf. 1706/21.11 du 29 septembre 1992 mandant l'autorisation d'acheter des devises à concurrence de FRW 21.494.590 faveur de la délégation rwandaise devant participer au Festival International s Francophonies en LIMOUSIN et effectuer une tournée dans certaines villes ançaises. Je note bien qu'il s'agit des artistes du Ballet National et des Officiels nt vous-même en tant que Chef de Délégation.

Je constate cependant que certains frais demandés sont pris en charge par pays ...ôte (France) qui vient de me fournir cette information par l'intermédiaire so... ssade à Kigali.

Je voudrais vous faire remarquer par ailleurs que les demandes de devises ivent être justifiées par des documents fiables quant au montant et à la nature la dépense à couvrir. C'est dans ce cadre que vous auriez dû fournir la preuve frais qui sont pris en charge par les organisateurs de votre voyage à l'étranger. r je suppose que cette précision vous a été donnée dans les correspondances que vous ez échangées avec ces derniers à ce sujet. De même, la demande de vos propres ais de mission aurait dû être appuyée par un ordre de mission pour prouver que votre part à l'étranger s'inscrit dans un cadre officiel.

Je vous demanderais également de lever la discordance qui apparaît entre tre demande de frais de mission et celle d'acheter un billet d'avion en FRW pour s raisons de santé.

BNR Suite de la lettre N° 010/92-166/ND/ng.v. du 2 octobre 1992 adressée à

Monsieur le Ministre de la Jeunesse
et du Mouvement Associatif
B.P. 1044
KIGALI

**URGENT**

En effet, pendant que vous affirmez que vous êtes le Chef de la délégation rwandaise à partir du 29 septembre 1992, vous comptez voyager le même jour pour des raisons de soins médicaux spécialisés à Paris (France) suivant l'autorisation de transfert n° 15/125/SEGI.1.1/92 du 26 septembre 1992 qui vous a été délivrée par le Ministre de la Santé.

Cette autorisation précise par ailleurs que les frais médicaux, pharmaceutiques et de séjour seront pris en charge par le Ministère de la Santé. Ceci fait constater que votre séjour en France risquerait d'être payé doublement si la Banque Nationale du Rwanda vous accordait aussi les frais de mission pour la même période. C'est pourquoi j'estime qu'un éclaircissement s'impose pour évi toute confusion éventuelle.

Etant donné que les objets d'art en question à transporter et à vend en France appartiendraient à un commerçant privé, il est normal que ce soit ce privé qui introduise la demande de devises. Par conséquent, l'autorisation d'ach de devises pour un montant ne dépassant pas la contrevaleur de FRW 1.900.000 est réservée au propriétaire de la marchandise.

Veuillez agréer, Monsieur le Ministre, l'expression de ma considération distinguée.

NTIRUGIRIMBABAZI Denis
Gouverneur

CC: - Son Excellence Monsieur le Président de la République Rwandaise KIGALI
- Son Excellence Monsieur le Premier Ministre de la République Rwandaise KIGALI
- Monsieur le Ministre des Finances KIGALI
- Monsieur le Ministre des Affaires Etrangères et de la Coopération KIGALI

# UBUNYONI BURACYARIHO

Abakozi 21 bo muri Minisiteri y'ibikoresho bya ...eta ingufu n'amazi (MINITRAPE) bandikiye Minisitiri wabo, bamusaba ku buryo ...w...tirwa, kwirukana NYUGU Emile umujyanama ushinzwe ibya Politiki n'ubutegetsi muri iyo Minisiteri.

Icyo abakozi binubira cyane ngo ni uko aherutse kugirana amasezerano agamije iyungu ze n'amasosiyete afasha Minisiteri ye. Ayo ni nka ABAY-BESIX (Ububiligi) GTME (Ubufaransa) na SAG (Ubudage). Avuga ko afatanije na Minisitiri ndetse ngo n'ishyaka rya PSD. Ubwo aherutse mu mahanga kuva tariki ya 22/9/92 kugeza tariki ya 2/10 yamuhaye amafranga 1.150.000 by'amafaransa angana na miliyoni 30 z'amanyarwanda. Ku ibaruwa bariya bakozi bandikiye Minisitiri, bometseho urupapuro rugaragaza amasezerano yagiranye n'iriya sosiyete ku mafaranga y'inyoroshyo bagombaga kumuha. Tuzabigarukaho.

Tuributsa ko iyo Ruswa ivugwa yatanzwe na GTME yo mu BUFARANSA nk'uko bigaragara mu masezerano basinyanye ku wa 23/9/92.

## HABYARIMANA SI UMUTUTSI

NTIBIZIYAREMYE François Xavier yadutaye mu mutego, igihe twatangazaga mu ISIBO N°72 ko ibimenyetso bigaragaza ko HABYARIMANA ari umututsi byabonetse. Ibyo biri ku rupapuro rwa 9. Mu byukuri utumenyetso twagiye dutangwa muri iyo nyandiko, nitwo ariko ntiduhagije. Umunt... rero ntiyaduherahe ngo ag... ... meza. Kubera ko ...

# UBURYO BUSHYA BWO KWICA ABATUTSI

**Nkuko mubizi amahanga n'indi miryango iharanira uburenganzira bw'ikiremwa muntu ikorera hano mu Rwanda, yamaganye igikorwa cyo gutsemba abagogwe n'abatutsi b'i BUGESERA, KIBUYE n'ahandi. Ibyo ariko ntibyashimishije ba nyiri ugukora amarorerwa nka ba RWAMBUKA n'abandi bahuje umugambi Bati << agatutsi kamwe karapfa amahanga agasakabaka ngo ikiremwa tutsi kirarengana>>. Iyo ibyo ubyumvise wibaza niba umuntu umwe apfuye aba atari umuntu! Uretse ko imibare yabo ikaze. Bafata ibihumbi n'ibihumbi babiteranya bakabona rimwe.**

## BYARI BYABAYE NK'IBICECETSE NONE BYARUBUYE

Kubera umugambi wari warateguwe kera na kare wo gutsemba inyoko ntutsi, abashinzwe kuwusohoza ntibumvise ugutakamba kw'amahanga, ahubwo bahinduye andi marere. Nimwiyumvire uko bateganije kumarira ku icumu abana b'u Rwanda.
Bashyizeho abantu bagomba gushaka abasore b'abatutsi ngo babajyane mu Nkotanyi. Babaha amafranga agera mu bihumbi bitatu buri muntu (3.000 FRWS), bakabaha gahunda y'igihe bagendera n'aho bahurira.
Ubwo abo basore bubahiriza iyo gahunda nta mususu kuko baba bazi ko bagiye gukira. Baragenda babageza ku RUSUMO (KIBUNGO) bakaboherereza mu gico cy'abasirikari b'u Rwanda ubwo ntihagire numwe urokoka ku rusoro. Ya mafaranga babahaye bagahita bayisubiza, ubwo ingorwa zikigira iyo batagaruka, ababyeyi bagategereza bagaheba bana. Ikibabaje ni uko ababyeyi babo basigara ku nkeke ngo bohereje abana babo mu Nkotanyi. Bamwe bakanasenyerwa. Uwo mugambi rero wagezweho, ubu abasore benshi bamaze kuhashirira. Abagikunze ubuzima bwabo nibagerageze kwanga ayo marozi ngo ni amafranga. Ibyo kandi byavuzwe mu BUGESERA, biravugwa muri KIGALI, KIBUNGO, ndetse n'ahandi ntibatinya kugerayo bagiye guhekura ababyeyi.
Basomyi b'ISIBO, ubwo ni ubugome burenze ubwenge. Ariko rero iyo umuntu asamba atera imigeri hose. Ababikora baratera imigeri hirya no hino, ibyago ni uko ifata cyane cyane abatutsi. Ikigaragaza ko uwo mugambi watekerejwe kera, ni uko imiryango idaharanira inyungu ya hano iwacu mu Rwanda yatanze itangazo ribuza ababyeyi baba batekereza kohereza abana babo mu Nkotanyi kubireka. Iryo tangazo ryagombaga kunyura kuri Radiyo Rwanda, hanyuma umuyobozi wayo w'icyo gihe ararinyonga (ntiyatuma ritambuka). None se yabigiriye gukunda Inkotanyi kandi zo zivugira ko zidakeneye abasore bo mu Rwanda ? Bariya basore nibamenye ko ingwize yishe Mutamu, maze bange amafranga babashukisha, birengere barengere n'imiryango yabo itotezwa bamaze kwicwa.

## NGO NABENE WABO BABIFITEMO URUHARE

Amafranga koko yaguze umwana w'Imana! None n'uw'umututsi aramuguze birabaye ! Ngo i KIBUNGO abashinzwe gusohoza uwo mugambi bihererana abatutsi bakabaha amafranga maze ngo akaba aribo babashombera bene wabo. Koko umuntu arahigwa nawe akihiga ! Birababaje cyane. Icyo umuntu yabwira bariya bahungu bashakira umukiro mu rupfu, ni ukumenya gushishoza, bakavumbura ababashuka bashaka kubamarira ku icumu, bakigumira iwabo mu miryango, baza kubica bakahabasanga nkuko basanzwe babigenza, maze ikinyoma cyabo babwira amahanga ngo mwafashwe mwambutse n'intwaro kikahava.

GATARAYIHA Antoine

## GOMN YASANZE INKOTANYI ZIBESHYA

Uwumvise Radiyo MUHABURA cyangwa akaganira n'INKOTANYI asanga zivuga ko Guverinoma y'u Rwanda itubahiriza amasezerano y'ihagarikwa ry'imirwano. None Raporo ya wa mutwe w'ingabo zidafite aho zibogamiye yarasohotse irazinyomoza. N'ubwo na Jenerali OPALEYE uwuyobora henshi agenda yandika ngo ntitubihamya neza (could not be confirmed) cyangwa ngo ntitubyizeye (Doubtful report), harimo ukuri. Iyo Raporo iva ku wa 2 ikageza ku wa 23 Nzeli 1992. Muribuka ko imirwano yagombaga guhagarara burundu guhera ku wa 1/9/92.
Muri iyo Raporo haravugwamo ubushotoranyi bwinshi bw'impande zombi. Inshuro bwagaragaye ni 59 zose hamwe. Iziherera kuri FPR-INKOTANYI ni 41 zose, naho ku ngabo z'u Rwanda ni 18 gusa. Ni ukuvuga ko buri munsi bashotoranaga hafi inshuro 3.
Ikibabaje ni uko muri iyo minsi hakomeje gupfa abantu n'ubwo bari bake bwose.
Ntitwabura gushima impande zombi kuko mu by'ukuri nta mirwano nyayo yabaye. N'abapfuye bagwaga ku bisasu bitabye. Leta y'u Rwanda nayo ibyo yavugaga ngo FPR yatwaye abantu, iyo Raporo irabihakana. Umwana murizi ntakurwa urutozi.

Sixbert MUSANGAMFURA

**N.B : Abifuza Kopi y'iyo Raporo bashobora kuza ku biro byacu.**

# KIGALI-VILLE

## IMPUZAMUGAMBI ZA CDR ZAKOZE IMYIGARAGAMBYO

Mu gitondo cyo ku cyumweru tariki ya 18/10/1992, intero y'aba CDR yari imwe ngo "abatutsi tubatsembatsembe, twamaganye NSENGIYAREMYE, twamaganye NGURINZIRA ugurisha u Rwanda, dushyigikiye umukuru w'u BUFARANSA". Amabisi yatuzuzanyaga abo batigaya ubuke yari yabukereye urusaku ari rwose mu mugi wa KIGALI.

### BAZAREKE KUVUGA RUBANDA NYAMWINSHI

[illegible]abonye imyigaragambyo y'[illegible] CDR bibajije aho Rubanda nyamwinshi rwagiye, rutaje gushyigikira ishyaka ryarwo kandi rwari rwarabimenyeshejwe! Ubanza CDR yiyitirira umugore nk'umwuzukuru!
Impuzamugambi zari nke cyane ku buryo n'umwana wiga mu mwaka wa mbere w'amashuri abanza yagombaga kuzibara bitamuvunnye.
Abari muri iyo myigaragambyo yatangiriye ku biro bya CDR biri ku maduka ikarangirira ku KIMIHURURA ku biro bya Minisitiri w'intebe, wabonaga bagenda bafite isoni. Ubwo ahari bagereranyaga abantu bayirimon'abari bari mu y'impuzamashyaka yabaye tariki ya 10/10/92. Twanashoboye kumenya ko uwo mubare muto w'impuzamugambi wari wagobotswe n'abanyaGISENYI na RUHENGERI.

[illegible]rumva rero ko batari ab[illegible] KIGALI gusa. Mu gihe barı bagitegereje ko abantu bagwira ngo imyigaragambyo itangire, hari agatsiko k'impuzamugambi zigeze nko ku 10 kari kuri Rond-Point gakoresha mitingi idasanzwe. Kabwiraga abo mu yandi mashyaka yari yahurujwe no kwirebera amazuru, intego n'amatwara y'abanyamazuru.
Ubanza karacurangiraga abahetsi! Gusa icyo umuntu yavuga kandi cyiza ni uko impuzamugambi zatukanye ariko ntizigire abo zikoraho cyangwa ngo zigire icyo zangiza. Buriya zangaga guta imbaraga zagombaga gukoresha mu RUHENGERI zitashye.

### NGO RUBANDA NYAMWINSHI RURASHAKA GUTEGEKWA NA CDR!

Twumvise impuzamugambi zivuga ngo zaratsinze kandi ngo abanyarwanda benshi barashaka gutegekwa nazo turatangara cyane. Koko kwibashva bihaho gusa muri Demokarasi umuntu wese afite uburenganzira bwo kuvuga icyo ashaka apfa kutabangamira abandi.
CDR izavuge ko yatsinze incuro igihumbi, ariko yirinde guhohotera abo mu yandi mashyaka, maze demukarasi ikunde isagambe mu gihugu cy'imisozi igihumbi.

GATARAYIHA Antoine

# KIGALI

## KABUGA : GRENADE BARAZITERA NK'ABATERA IMYAKA

Kuva iyi ntambara yatangira, i KABUGA hamaze guturikira gerenade zirenga 50. Bijya gucika byatangiranye n'uyu mwaka. Abo bagizi ba nabi bibye abantu benshi abandi barabica.Byagiye bitangazwa cyane cyane n'ikinyamakuru cyanyu "ISIBO". Agahenge kamaze ukwezi kwa 7 bigeze mu kwa munani byubura ari simusiga cyane cyane kubafite amafaranga dore ko kugeza ubu ntawe ukirara iwe mu rugo.

### DORE LISITI Y'ABIBWE N'ABAPFUYE :

Ukwezi kwa munani gutangira bateye ku mucuruzi HATEGEKIMANA bakunze kwita KIBILIMA. Baje kubatesha ari uko gerenade bari bafite zibashiranye. Ariko ntibashizwe kuko nyuma y'iminsi ibiri bagarutse ari igitero simusiga, bakabanza kubwira abapolisi barinda Banki y'ubucuruzi i KABUGA ko batagomba gutabara bitwaje imbunda za MUZE bakunze kwita rubaho, naho abo bajura bakaba bari bafite imbunda za R.4 na gerenade. Murumva ko ntamahuriro. Baraje batwara HATEGEKIMANA akayabo k'amafaranga 1.200.000 FRW hamwe n'ivatiri ye ya Honda. Ariko ivatiri yo yaje kuboneka i KIGALI kuri Hoteli Chez Lando. Bukeye hashize iminsi ibiri barongera nanone batera ku mucuruzi Tarisisi, we ntiyabashije kumenya umubare w'amafaranga n'agaciro k'ibintu bamutwaye uko bingana. Hadateye kabiri bagaruka kwiba ku mucuruzi Inyasi barabatesha; ariko basiga bateze gerenade mu isoko kuko mu gitondo isoko ryari kurema.

### IMANA YAKINZE AKABOKO

Muti byagenze bite? Bagufatiye agakarito kavuyemo amata (NYABISINDU) noneho bafata gerenade barayipfundura, sinzi uko bayihambiriye mu rudodo bashyira muri ka gakarito, hanyuma batereka aho isoko ry'inzoga riremera buri gitondo.
Hari umusazi waje kubatura ka gakarito akazengurukana isoko, sinzi abaje kubona ya kabutindi yarimo. Ubwo Burigadiye wa Komini KANOMBE arahagoboka, bayaka uwo musazi bajya kuyiturikiriza inyuma y'isoko. Namwe nimwumve, iyo baza guca imodoka ikayikandagirira aho mu isoko, imbaga y'abantu yari kuhatikirira.

### BARUSHIJEHO GUKAZA UBUGOME

Kuri uwo munsi bayobowe n'ibyitso byabo bayogoje centre y'ubucuruzi ya NYAGASAMBU, basahuye amaduka 5 bica n'abantu 4. Icyo abantu bibaza ni uko bagiye gusahura bagasahura amaduka adakomeye cyane, maze irya BISENGIMANA ariwe Burugumesitiri, irya MUKWIYE, n'irya murumuna wa BISENGIMANA, ariyo arimo ibintu byinshi bakayacaho, bakarenga bakajya kwiba amaduka y'abantu batari muri MRNDD.
Bwarakeye bagaruka i KABUGA bayobowe na BAZIMENYERA Andereya wacururizaga muri RUGENDE ya kabiri.

### MURI MAKE DORE UKO BYAGENZE

Uwo BAZIMENYERA ubundi kavukire ke ni umunyaRUHENGERI waje ari umujura, agahinga imisiri, kugeza aho acururije, agakira kakahava, akagura amasambu hirya no hino; bigeze ejobundi aba yafunuje imodoka, abaturage ntibamushira amakenga kuko abo yasanze bakora kimwe nawe nta bitangaza bakoraga nk'ibye. Ejobundi rero azafate igitero cy'abantu 10 bambaye gisirikari, nawe kandi yambaye gisirikari; bafite imbunda R.4 eshatu na grenade nyinshi. Batera i NYAKARIRO muri Komini BICUMBI ku mugabo waho wari ukize kandi yaragiye mu ishyaka rya MDR witwa NDABERETSE Alcys. Bageze kuri butike ye basanga yatashye hari saa tatu z'ijoro; bafata umukozi we bamutegeka kujya kubyutsa shebuja. Bageze yo umukozi aramubyutsa. Igihe akigera hanze ahura n'icyo gitero. Bamubaza amafaranga ababwira ko ayari ahari yayaranguje byeri. Ubwo baba basingiriye moto ye, umugore we baba bamutaye ku munigo, agiye kubona abona BAZIMENYERA nawe arimo yambaye gisirikare. Aloys nawe yaramubonye aramubwira ati: "Nawe koko twamenyiraga ni ibi ukoze". Ubwo BAZIMENYERA yahise abwira uwari ufite imbunda ngo amurase, nanone yamubonye, undi nawe yahise amusukamo amasasu 4 aba araguye.

### ABATURAGE BAGOMBA KUJYA BIHIMURA

Abaturage bumvise amasasu maze baratabara. Ibyago ni uko ibyo bisambo byabacitse, ariko bamenyamo babiri aribo BAZIMENYERA n'undi witwa RAFIKI. Ubwo baraye ku kiriyo bigeze saa cyenda bajya gushaka bya bisambo. RAFIKI bamutsinze mu rufunzo, bajya gushaka BAZIMENYERA basanga aribwo akiryama. Baramufunguza arasohoka, bamujyana ku irembo bamutsinda iruhande rw'imodoka ye.Hanyuma bajya gusaka iwe,bahasanga amagare 59,Radio-Cassettes 72, amakaziye 700 ya Primus muriyo 300 yarimo inzoga. Nta n'igikwasi basigiye umugore we, byose baratwaye. Hari n'abacuruzi bakoranaga nawe mu mugi wa KABUGA; abaturage bashatse kujya gusaka, SEMANZA Burugumesitiri waho ababera ibamba, nabo barabyihorera. Aha nakwibutsa ko BAZIMENYERA yari mu ishyaka rya MRND; yari interahamwe.
Ku wa 30/9/92 ibyabereye i KABUGA byo biteye ubwoba, ubwo ba rujigo baje gusaka forode ku mucuruzi NYOMBAYIRE, maze interahamwe zikababera ibamba. Bitabaje Jandarumori, ikihagera za nterahamwe zitera gerenade abajandarume hakomerekamo babiri ku buryo bukabije.
Abantu benshi bakeka ko iyo gerenade yaba yaravuye mu gikari cy'uwitwa GAKWAYA imbere yo kwa NYOMBAYIRE.
Ikibabaje ariko ni uko mu bafashwe harimo n'abaturage bigenderaga. Ubwo anketi izagaragaza aho izo gerenade zigiye kumara abantu ziva, dore ko batakihishira kabaye basigaye bazituritsa ku manywa y'ihangu.

SEGIKWIYE J.M.V

N.B : Turacyakurikirana ibyabereye i KABUGA ku wa 30/9/92, tuzabibagezaho ku buryo burambuye.

# GITARAMA

## IMYIGARAGAMBYO Y'I GITARAMA TWAYIMENYEYEMO BYINSHI

- KINANI [illegible] NSENGIYAREMYE akone.
- [illegible] HABYARA [illegible]
- HABYARA [illegible] KAYIBANDA nawe [illegible]
- Twanze IKINANI kiniga Demokarasi.
- HABYARA Rubyogo.
- Dushyigikiye imishyikirano y'ARUSHA.

Ngayo amagambo yaranzwe mu rugendo rw'amahoro rwo gushyigikira Disimasi NSENGIYAREMYE Minisitiri w'Intebe ku wa 16/10/92 i GITARAMA rugakorwa n'amashyaka MDR, PL, na PSD. AbanyaGITARAMA bakaba barerekanye ko Demokarasi ibari mu maraso kuko urwo rugendo rwakozwe abandi bakora imirimo yabo inyuranye, amaduka afunguye, BAR na Restaurants, imirimo ya Leta n'abikorera, bose ntawahungabanye, byongeye imvura yari yaguye ku buryo abenshi bari bibereye mu mirimo yabo, ariko abantu barenga ibihumbi 8 berekanye ko byose bishoboka.

### NGO AMAFARANGA NIYO AZATORA HABYARIMANA

TWAGIRAMUNGU Prezida wa MDR ati HABYARA arahondwa ariko ntanoga, none rero igihe kirageze cyo gukamura dukanyaga. Yaduhishuriye kandi ko HABYARA arimo gusaba amafaranga mu bazungu yo gukoresha amatora mu kwezi kwa 4/1993 ndetse ayambere abadage barayamwemereye. Niba rero HABYARA avuga amatora, barwanashyaka muramenye rwose ntazayatorwemo. Kandi nayo matora ntituyemeye ahubwo barwanashyaka muhaguruke duhirike IKINANI.
Nta matora abantu ibihumbi 350 barara ku gasozi ntacyo barya ntacyo bambaye. Nta matora ikibazo cy'intambara n'impunzi kitararangira.

Nta matora abantu 52 bo mu kazu k'abashiru bakiziritse ku bigo bya LETA.
TWAGIRAMUNGU yarangije yita aba J.D.R, JL na JSD akazina k'INDAHANGARWA, ati Interahamwe niziza muzazirire muti"Jo nikuwoneshe". Iyiya rugendo rukaba rwarasubije imitima munda y'abantu benshi bashavujwe n'ubwirasi n'ubwishongore bw'interahamwe NGIRUMPATSE Matayo ubwo ku wa 25/9/92 yavugaga ngo "GITARAMA yari ishyamba rituwe n'inyamaswa none ishyamba twararitemye izo nyamaswa turazirukana none turigeze hagati." Iri jambo abanyaGITARAMA ntibazaryibagirwa kuko mu byukuri iyo nterahamwe yavugaga ko HABYARA n'abashiru bishe abanyabwenge b'i GITARAMA none bakaba bidegembya ari ntacyo byababatwaye.
Baribeshya kuko ari ntabapfira gushira. Kandi twebwe abasigaye tuzaharanira ko RUKOKOMA izakokomora amarorerwa yose iyi ngoma yakoze na banyirayo bagakokomorwa.
Imyigaragambyo yari yatangiye mu mpande 3 z'umujyi wa GITARAMA mu ituze, ni ukuvuga mu CYAKABIRI, mu MERU n'i KABGAYI. Yarangiye hafi saa munani kubera imvura nyinshi yaguye ndetse n'abayobozi b'amashyaka MDR NA PL bari batinze kubera imirimo ikomeye barimo i KIGALI.

André- JOURNAUX.

# BUTARE

## S.O.S MURI I.R.S.T

Hari abamenyereye ko niba ikigo iki n'iki gifite ingorane zishobora gutera imyiryane mu bakozi, ngo biba bituruts kuri Diregiteri wacyo. Reka da, kuri IRST ho biratandukanye. Umuyobozi wa IRST GASENGAYIRE Farasisiko ni muzima, ariko kugira ngo ikigo ategeka kigubwe neza, agomba kwihutira gusuzuma imikorere y'umucunga mari we RUGIRA Yohani BERENARUDO. Ari abashakashatsi, ari abakozi bandi baba susitati, ari aba sukontaro, abenshi baracyemanga imikorere ye; n'imyifatire ye k'umuntu ugomba gucunga ikigo gikomeye nka IRST.
Dore bimwe abo bakozi bamushinja :
- Ubuswa bukabije,ukuvunda, ubuhubutsi no gutonesha bamwe bashyigikiye iyo mikorere ye mibi.
- Gukoresha imodoka ya IRST nyuma y'amasaha y'akazi yibereye mu bye bwite. Dore aherutse gukora akazu akoresheje bimwe muri ya mikorere ya kera, ubwo umuyobozi mukuru yari mu butumwa mu mahanga. Yagize atya agurisha isukari yari ifite inenge mu gukora imiti. Muri icyo cyamunara cy'isukari, yaciyemo abakozi ibice, yiherako hamwe n'akazu ke karimo ibizungerezi, abadamu b'abasirikari bakomeye, ndetse banacuruza n'ibindi byegera bye, abaha isukari ku mafranga 74 ikilo. Abo yahereye kuri icyo giciro, nibo bahembwa menshi, nibo bafite amikoro. Abasigaye bose barimo abafata selumu, n'abandi batamugaragira, ayibaha ku mafranga 119,7/kg ndetse bamwe arayibima barumirwa.
Ababikurikirira hafi bazi uwo mugabo n'ukuntu yaje, ntibibatangaza. Ngo umuntu wazanywe na NDANGALI icyo yakorera abakozi cyiza ni iki ? Ahari yenda abo yahaye isukari ni abamufashije kuyobera kwa NDANGALI. Niba atari akateye rero, abakozi benshi ba IRST barasaba umuyobozi mukuru gutabara icyo kigo hakiri kare.

Umushakashatsi wa IRST

# GIKONGORO

## GIKONGORO NA BUCYIBARUTA MAYERI

Muri GIKONGORO ibintu bitangiye kugenda neza.Ndetse n'urugomo rw'abanyamashyaka rwaragabanutse. Ikibazo kimwe kihasigaye ni icy'abantu bashaka guteranya amoko. Ibyo bintu bifite agatsiko kabishinzwe kayobowe na Superefe MUSHENGUZI akunganirwa n'umu CDR wo mu cyayi cyo ku KITABI n'uw'i MATA.
Abashinzwe gushakisha udutsiko two gushotorana ni wa musazi ukorera MRND ku GIKONGORO, Burugumesitiri NGEZAHAYO wa KARAMA, Superefe HATEGEKIMANA Joachim, Superefe BINIGA D., Visi Perezida w'urukiko rw'i KADUHA. Uwo mugambi wasakajwe na ka kagoryi k'akaganga kitwa SEZIBERA (umuntu wanze ko abanyaGIKONGORO babakingira MUGIGA ngo bazapfire gushira ?).
Muri iyi minsi Superefe MUSHENGUZI, umunyakazu AYURUGARI bohereje agatsiko k'abatekamutwe 20 mu bisi bavuza induru mu gicuku bavuga ngo batangatange hatagira umututsi ubacika. Abaturage baraye bahagaze n'ubutegetsi burahurura. Turasaba Perefe BUCYIBARUTA basigaye bita "MAYERI" guhagurukira ako gatsiko katarakongeza GIKONGORO. Twabanje kumwibeshyaho tugira ngo ntazabogama none atangiye guhishira ibibi. Hari imodoka KIBONUMWE HABIYAMBERE yari yaribye bagaruye yarabaye urutete yanga kubivuga. Hari ubujura bwabaye muri Perefegitura yanze kuvuga none ababuzi bose ariho arabimurira ahandi ngo batazabuvumbura, HABIYAMBERE akongera kwambara ubusa. Ndetse n'urupfu rwa RUTAJOGA Alfred uzi amabanga menshi y'umutungo wa Perefegitura turacyarwibazaho.
Tuzabigarukaho.

GACINYA

# CYANGUGU

## BURU KARORERO ARONDA AKARERE

Ubwo abandi baburugumesitiri bashinzwe amajyambere rusange ya Komini, KARORERO we GAFUNZO yayiciyemo uduce, maze akarere avukamo karatoneshwa. Ibikorwa by'amajyambere bigenewe Komini yose KARORERO akabyerekeza mu karere ka MUKOMA-SHANGI (akarere avukamo).
Ari amazu meza, amashuri, umuhanda n'amavuriro, byose ubisanga muri ako karere.
Iyo KARORERO akora bene ibyo yitwaza ko ngo ibikorwa by'amajyambere bigomba kujya aho bigaragara kandi bibereye. Hari uwambaye se wabuze kuberwa ? N'andi masegiteri uwayateza imbere yaberwa. Ayo ni nka MUGESERA yagowe, NYAMUGALI na NYABITEKERI.
Ikibabaje rero ni uko kuva uwo mugabo yatangira gutegeka GAFUNZO ari ibyo yikoreye gusa (byo kuronda akarere), ariko agashimwa buri teka n'abategetsi bo hejuru. Ubanza bataragera muri GAFUNZO. Twizere ko KARORERO azabicikaho.

### TWAJWEMO

Muri NYUNGWE haravugwamo abasirikari bahora barasa amanywa n'ijoro. Ubutegetsi bwa Perefegitura ya CYANGUGU n'ubwa GIKONGORO bwabeshye ko ari abajura batega imodoka nijoro kugira ngo abantu bo gukomeza kwikanga. Abo bantu baritoreza ku gasozi ko muri NYUNGWE kari hafi y'u BURUNDI ku buryo amasasu ajya yumvikanira mu BWEYEYE, muri KIVU no mu BURUNDI. Turakeka ko ari aba CDR-MRND bitegura kuyogoza igihugu cyangwa se aba PALIPEHUTU. Ubutegetsi busabwe gukurikirira hafi ibyo bintu.

ISIBO

# KIBUYE

## ESE RUHIGIRA YAROZE KOMANDA HAGUMA ?

MDR-KIBUYE yasohoye itangazo n°3 ryerekana ko RUHIGIRA Enoki, uyu w'umujyanama ukomeye wa HABYARIMANA ariwe washoje intambara ku KIBUYE. Ndetse ngo yarogesheje Komanda HAGUMA. Ibyo bintu birababaje cyane niba yarabikoze.
Ikizwi neza ni uko HAGUMA yazize uburozi kuko yapfuye amarabira. Ikindi abantu bahurizaho ni uko HAGUMA yagambaniwe n'ubutegetsi bwa HABYARIMANA kubera ko yari azi amabanga menshi. Ibanga rya mbere ni igihe HAGUMA yategekaga i RWAMAGANA noneho abasirikare n'abajandarume bakarwana nkaho barwanije INKOTANYI. Ibanga rya kabiri yari azi ni urupfu rw'abishe DIAN FOSSEY (NYIRAMACIBIRI). Abashinjwaga kuba barishe NYIRAMACIBIRI bafungiwe muri gereza ya RUHENGERI, umwe atorokeshwa n'ubutegetsi, baje kumufata bamufungira muri Kasho noneho baraza barahamwicira babeshya ko yiyahuye. Uwo mugambi HAGUMA yawugizemo uruhare. Kubona rero HAGUMA apfuye

K0007281

ntabwo bitangaje kuko abantu bazi amabanga y'IKINANI bakabizira ari benshi. Twibutse abasomyi b'ISIBO ko HAGUMA yajyanywe ku KIBUYE asangayo Liyetona BIZUMUREMYI uzwiho kutubahiriza ikiremwa muntu.

RUHIGIRA yamaze kumenya ko MDR imushinja urupfu rwa HAGUMA arababara cyane. None ariho aritakana NIYONSABA Dorosela ngo niwe wamennye ibanga. Yabwiye abantu ko agiye kurega muri Parike abatanze ririya tangazo rya MDR aribo NIYITEGEKA na SEZIBERA. Mbere yo kurega yari akwiye gusobanura icyo ingendo 3 za nijoro zari zigamije ku KIBUYE. Kuki atagenda habona ?

Uriya RUHIGIRA nk'uko MDR KIBUYE yamutahuye yahingishije urumogi rwa HABYARIMANA mu NYUNGWE. Urwo rumogi akarwohereza i BURAYI arunyujije mu bisanduku byanditseho ko bitwaye ikawa. Parike yaje kumufata noneho IKINANI kibyitambikamo urubanza ntirwaba.

Ikindi RUHIGIRA ashinjwa kuba yarariye ruswa y'umugabo w'umwubatsi witwa MURENZI. Iyo ruswa niyo yavuyemo inzu RUHIGIRA yubakishije ku KIVU ku KIBUYE hafi ya BETANIA.

Kubera ko kiriya kirego cya MDR-KIBUYE gikomeye. MRND yaritanguranijwe ikoresha mitingi muri superefegitura ya MUSHUBATI. Ndetse RUHIGIRA yahafatiye ijambo rinyura kuri Radiyo kandi ubusanzwe atavuga muri Mitingi.

Amahirwe ya MRND ku KIBUYE ni make kuko RUHIGIRA ariwe wenyine MRND yari kuzabonamo umudepite mu matora, none arirabuye. Isigaranye umugore witwa Dorosela NIYONSABA ukora muri MRND ariko nawe aravugwa muri uriya mugambi wo kuroga Komanda HAGUMA nk'uko MUNYAMPUNDU yitanguranwe akavuga ko yanze kubijyamo abizi.

Tumaze kumenya andi mayele ya MRND na CDR. MRND imaze gushoza imvururu nk'izi BUGESERA, imaze gutuma CDR ngo ijye gufunguza abahutu bo muri MDR bafungish[illegible] na RUHIGIRA. Barakora nka babandi batwika inzu barangiza bagatabara mu bazimya. Ikindi gitangaje ni uko Depite KAMARA avuga ko azi lisiti y'abanyaKIBUYE ngo bazarogwa muri ubwo buryo ariko ngo umugore we akamubuza kubivuga ngo batazabica cyangwa bakababaza aho babikuye.

TWARABAMENYE

# GISENYI

## KONSEYE SIBOMANA ALIAS SHEHE WA BYAHI YARI AGIYE KWIBOHOZA

Ubwo ishyaka PSD ryakoreshaga Mitingi (Meeting) muri Segiteri BYAHI ya Komini RUBAVU ku GISENYI tariki ya 4/10/92, umukonseye uzwiho ubwicanyi wa BYAHI yari yayitabiriye. Uwo mugabo yahawe ijambo muri iyo mitingi maze ashimagiza cyane ubutwari, umurava n'ubwitonzi by'amashyaka atavuga rumwe na MRND. Avuze ko yibohoje ahabwa impundu n'amashyi bingana n'ibyahabwaga ikinani kera. PSD yatashye yicinya icyara ngo ibonye umuyoboke. Bwakeye mu gitondo umugi wose wa GISENYI watangaye. Abantu bati interahamwe y'umwicanyi nka SHEHE koko yanze MUVOMA irabohorwa ! Bumva bidashoboka, nyamara byari byo!

### IYO BAMUREKA AKICUZA UBWICANYI YAKOZE

Icyo gikomangoma SHEHE kitakorwagaho cyagize ingorane zikomeye. Umutima wacyo washavujwe n'ibyaha cyakoze washyamiranye n'imitima ya MUVOMA biratinda. Ku itariki ya 7/10/92 ibinani bibabajwe n'amakarita yabo menshi yaciwe (umugi wari wuzuye umwanda w'ibice by'amakarita ya MRND) byatumije SHEHE mu giterane cyabyo, bimutegeka n'iterabwoba ryinshi kwisubiraho kandi akabibwira abaturage. Ntakundi yari gukora uretse kwemera ibyo ategetswe.Ntitumugaye cyane kuko kubeshya no kwivumbura kuri MUVOMA ari ugutsembesha abawe n'ibyawe. Ntibyatinze ku itariki ya 9/10/92 SHEHE akoresha Mitingi muri Segiteri ye, abwira abaturage ko agarutse muri MUVOMA. Igitutu cya BANZI Wellars na MPOZEMBIZI Mariko cyatumye anyuranya n'umutima - nama we. Ubwo si ubugabo ariko.

Birumvikana ko ibibera ku GISENYI atari iby'i Rwanda. Uburenganzira bw'ikiremwa muntu ntibuharangwa, utari muri MRND na CDR apfa nk'ikimonyo. Barabeshya ariko izo ngirwa mashyaka zizasigarana Ikinani na BUCYANA gusa. AbanyaGISENYI nibahumure ntibazapfira gushira kandi demukarasi duharanira twese izabayobora maze abanyenda n'abagome bashyirwe ishyanga.

Umusomyi w'ISIBO

# RUHENGERI

## PEREFE WA RUHENGERI ARAGOSORERA MU RUCACA

Mu inimero y'ubushize (N°72), twababwiye uko Perefe BARIYANGA wa RUHENGERI agerageza uko ashoboye ngo amashyaka yoroherane. CDR yo rero icyo cyifuzo ntigikozwa irakomeza gutera imvururu, ihohotera andi mashyaka. None se izo ntumwa bazazigenze bate ? Ubutegetsi bwagombye kuzihagurukira naho ubundi ntacyo bwaba butumariye.

BARIYANGA afite akazi katoroshye ko kujijura bariya bavandimwe b'intumwa.

### AHO BUKERA IMPUZAMUGAMBI ZA CDR ZIRAMARA ABAHUTU ABATUTSI BIGARAMIYE !

Ku cyumweru tariki ya 18/10/1992 ubwo ishyaka MDR ryari rivuye gukoresha Mitingi mu RUHENGERI abarwanashyaka baryo bagiriye ingorane zikomeye kuri MUKINGA (ku muhanda ujya i RWAZA). Barahageze basanga impuzamugambi (umugambi mubi) zahashinze ibirindiro, ziteguye gukora ishyano.

Taxi ya mbere ya MDR yari ikurikiranyè n'iya Parti Démocrate yari ivuye muri NYAKINAMA; kubera ko umwenda ugize ibendera rya Parti Démocrate ujya gusa n'uw'impuzamugambi, ubwo iyo laissez-passer yatumye bo batambuka nta nkomyi. Impuzamugambi zari zuzuye Autobus zadukiriye amamodoka arimo abarwanashyaka ba MDR, ibirahuri ziramenagura abantu zirakubita karahava. Imodoka zangirijwe ibirahuri ni amatagisi abiri na Camionnette DAIHATSU imwe. Umushoferi w'iyo DAIHATSU we yarakomeretse bikomeye. Nyuma y'iryo shyano, twibajije byinshi :

- Ko CDR yihanukira muri za Mitingi ngo irengera inyungu za rubanda nyamwinshi, ntigire n'isoni zo kuvuga ko iyo rubanda nyamwinshi ari abahutu, umututsi yari ibonye muri ariya mamodoka ni nde ? Ariya mamodoka se impuzamugambi zahinduye ubushingwe, iy'umututsi irimo ni iyihe ? Aho bukera ariko ibinyoma tubwirwa muri za Mitingi, turabivumbura! CDR ni impuzamugambi zigamije kurenganya rubanda nyamwinshi, zikarengera inyungu z'umuntu umwe. Naho kutubeshya ngo impuzamugambi muri maso ni ikinyoma cyambaye ubusa. Ko muri maso se muri ariya mamodoka mwashwanyaguje mwabonye iki kitari abantu, mukangiza ibintu bya bene wanyu hanyuma ngo muri maso ? Ahubwo muri impumyi. Nimuhumuke, mureke kurengera inyungu z'umuntu cyangwa agatsiko k'abantu, mufatanye n'abandi kurengera inyungu za rubanda.

Umusomyi w'ISIBO
RWAZA-RUHENGERI.

# BYUMBA

## KWA GATETE ABANTU BAKOMEJE GUPFA NK'ISAZI

Nkuko mwakomeje kubisoma mu binyamakuru, Komini MURAMBI iyobowe na GATETE, ikomeje guhiga andi makomini ya BYUMBA mu bwicanyi. Abantu iyo bumvise ibya GATETE, bibaza niba ari umuntu, kuko amarorerwa akabera arenze ubwenge.

### URUPFU RWA RUTAYISIRE RWARI RWAKONJESHEJE GATETE

Umucuruzi witwa RUTAYISIRE Cassien alias MANDAZI mwene MBONABUCYA na NYIRAKAJE wari utuye i RUBONA muri MURAMBI i BYUMBA yiciwe hafi y'iwe ku wa 15/19/92. Ubwo yari avuye gufata akarahuri ahitwa i GAKENKE nka saa mbiri z'umugoroba, RUTAYISIRE yategewe n'interahamwe hafi y'urugo rwe.

Nkuko byagaragaye, Nyakwigendera ntiyigeze ataka. Bakubise ibibando bamutura mu muhanda wa kaburimbo atoragurwa n'abasirikari bamujyana mu bitaro i KIZIGURO. Ibyo byabaye iby'ubusa kuko yari yarangije gupfa. Ubwo abategetsi ba Superefegitura baraje batangira gukora anketi maze GATETE arakonja karahava.

### GATETE YABIGIZEMO URUHARE

Umurarizi wari hafi yaho RUTAYISIRE yiciwe, mu gitondo cya kare yavuze ko abishe RUTAYISIRE yababonye uretse ko ngo atari abazi amazina. Yababwiraga abaturage bagahita babamenya. Icyatangaje ariko, ni uko uwo murarizi yiriranywe na GATETE, maze nimugoroba agahindura amagambo.

Ibyo yari yabwiye IPJ mu gitondo sibyo yabwiye abategetsi b'i NGARAMA. Ubwo GATETE yari yamuteye ubwoba da! Abaturage bari bazi RUTAYISIRE barababaye dore ko yakundwaga n'abo mu mashyaka yose. Ibyo byatumye GATETE ahunga abaturage. Ariko ubwo n'abakozi ba Komini batangiye kwinubira ubwicanyi bwa GATETE n'inkoramaraso twizere ko ibintu bizasubira mu buryo.

IPJ wa MURAMBI yabonye ko biriya byagombye guhinduka. Kubona interahamwe zikora lisiti y'abo zizica kandi bigakurikizwa ! Kero nizo zitegeka MURAMBI! Harafunga bakica nta kibazo!

Dore lisiti y'abazapfa yakozwe n'interahamwe z'i MURAMBI :

1. RUTAYISIRE we yarangije kwicwa.

K0007282

2. MUSEMAKWERI Agusitini.
3. KAGANZA Omali.
4. KARAMA Pierre.
5. GATARE.
6. NDABARISHYE Selemani.
7. BUHIGIRO.

Abataricwa rero nimube menge mwigengesere kuko bariya bantu basa n'abasaze. Ariko Imana izabarokora ibavane mu menyo ya GATETE n'interahamwe ze.

GATARAYIHA Antoine

# KIBUNGO

## NGENZI MYAMBI

Perefe wa KIBUNGO ati :<< banyaKABARONDO muragira ngo nkore iki >>? Ko umutegetsi wese wo muri KIBUNGO muzatakira muzasanga ari Rukarabankaba. Ibyo Perefe ubwe yabyivugiye ari imbere y'abaturage mu gitondo cy'itariki ya 8/9/1992. Iyo mvugo yari iturutse kuri Grenades yari azanye zafatanywe interahamwe za NGENZI. Izo Nterahamwe zari zifite umugambi wo kwica abarwanashyaka b'andi mashyaka.

### BURU NGENZI ABIFITEMO URUHARI RUDASANZWE

None se ko umuntu aterwa grenade NGENZI ntagire icyo abivugaho, ubwo ibyo ni ibiki ? Ahubwo byagaragaje rwose ko ariwe uzana za grenades akazinyanyagiza mu nterahamwe. Wasobanura ute ko umuntu witwaje intwaro nkiyo ntafatwe ngo afungwe igihe adafite uburenganzira bwo kuyikoresha? Abaturage bagerageza gusaka izo nkoramaraso, ariko bikaba iby'ubusa kubera NGENZI. I KIBUNGO rero uretse Perefe, abandi bategetsi bose ni interahamwe, ababurugumesitiri, abakozi ba Parquet n'abandi. Perefe yabuze uko abigenza agahinda kamwishe, aratubwira ati :" Ntakundi nabigenza, mwemere mwipfire". Mbega u Rwanda ! Ariko ay'ubusa ntituzapfira gushira !

### KIBUNGO IZAHAJWE NA ZA GRENADES

Iyo utavuga rumwe na MRND grenade ikugeraho yaguhusha ukaba ukoze icyaha ukabifungirwa. Iryo shyaka ribyina rivamo ryahisemo kumarira ku icumu abandi barwanashyaka b'andi mashyaka. Reba nawe nka MUKIMI Emmanuel witangiraga abaturage bamutaye muri yombi arafungwa azize ko atari uwo mu ishyaka ry'abicanyi.
NGENZI na NSABIMANA muzabiryozwa pe. Imigambi yanyu mwayiretse ? Nkuriya wabapfubanye wo gutema abatutsi. Mwisimbuza umuhoro Gerenade. Mushimire umuntu ubabuza kwica, kuko namwe hari igihe muzageramo mukifuza kurengerwa.
BanyaKABARONDO rero murabe maso mwamagane izo nkozi z'ibibi, ntizibameneremo zinasigaye ari nke. Mubagendere buhoro kuko umugezi w'Isuri urisiba.

Umusomyi w'ISIBO KABARONDO

# TOGOLISATION DU RWANDA
## DES MILITAIRES INCIVIQUES MENACENT LE PREMIER MINISTRE

C'st le 22/10/92 que deux télégrammes tombent simultanément dans les commendements militaires de toutes les Unités. Ils émanent respectiviement du camp Colonel MAYUYA, cie médicale dirigée par le Lieutenant Colonel BARANSARITSE et du Camp KAMI commandé par le Major NERETSE. La raison inv ée est l'intégration de militaires injustement renvoyés décidée par le Conseil des Ministres en date du 2/10/92. Les irréductibles du Chef de l'Etat ont décidé du même Coup d'aller assassiner le Premier Ministre à son domicile mais ils ont été découragés par l'Etat Major de l'armée qui était en alerte. Des noms sont cités: Col. NSENGIYUMVA, Major MUTABERA, Major NKIZINKIKO MUSINGA, Lt Col. BARANSARITSE, Major NTABAKUZE, Major NKUNDIYE et le terrible NERETSE. Tous ces officiers viennent de la même colline que le Président de la République.Ils réclament tous la démission du Premier Ministre et menacent d'aligner tous les militaires du pays pour le forcer à dissoudre le Gouvernement de transition.
La population est déjà en alerte pour faire fâce à cette bande d'inciviques.
Ces froussards qui ont peur d'aller affronter les INKOTANYI dans le MUTARA et qui préfèrent terroriser de simples citoyens sans défence!

EPUBLIQUE RWANDAISE
ISTERE DE LA DEFENSE NATIONALE

FORMULE DE MESSAGE

N° d'enregistrement : 12095

d'le Centre de Transm. seulement (1) à (4)

| URGENCE (ACTION) | URGENCE (INFO) | GROUPE DATE HEURE | INSTRUCTIONS POUR LE MESSAGE |
|---|---|---|---|
| FLASH | DIFFERE | 221830B | (10) COMPT : GR : |

6) DE : CIE MEDICALE Lt. col. BARANSARITSE

7) POUR : EM AR

(12A) SECURITE :

(12B) N° DE L'EXPEDITEUR : ADM/92/3972

8) INFO : MINADEF - UNITES CAMP COL MAYUYA

9)

12D) APRES REUNION DE SENSIBILISATION, LES INVALIDES DE GUERRE ET LES MIL
LA CIE MED REFUSENT CATEGORIQUEMENT LA REINTEGRATION DE TOUS LES MIL
NVOYES DECIDEE PAR LE CONSEIL DES MINISTRES PAR CE QUE CE SONT DES ACOLYT
) DES TRAITES (.) LES MIL ET LES INVALIDES DE GUERRE DE LA CIE MEDICALE
CLAMENT LA DEMISSION DU PREMIER MINISTRE PAR CE QUE SON GOUVERNEMENT
COURAGE PLUS D'UNE FOIS L'ENI LA PREMIERE FOIS ETANT LA DEMOBILISATION
LA CULTURE DES MARAIS PAR LES DEMOBILISES QUI ONT PROVOQUE LA CHUTE DE LA
MMUNE BUTARO - KIVUYE - CYUNGO - KIYOMBE - MUKARANGE ET UNE PARTIE DE KIBA
T QUE CE MEME GOUVERNEMENT INCITE UNE GUERRE QU'IL NE PEUT MENER A BONNE
N (.) LES INVALIDES DE GUERRE ET LES MIL DE LA CIE MED DONNENT UN PREAVIS
48 HEURES AU PREMIER MINISTRE ET SON GOUVERNEMENT POUR TROUVER UNE
OLUTION SATISFAISANTE A TOUS LES MIL C'EST A DIRE QU'ILS DEVRONT AVOIR
ECONSIDERE LEUR DECISION PENDANT CE DELAI ET LA COMMUNIQUER SUR LES
NDES DE LA RADIO NATIONALE (.) LES INVALIDES DE GUERRE ET LES MIL DE LA
IE MEDICALE TROUVENT ENCORE UNE FOIS CE PREMIER MINISTRE ET SON GOUVERNEME
ROVOCATEURS SURTOUT QU'ILS VOIENT QUE CE GOUVERNEMENT N'A PAS TENU COMPTE
ES AVIS ET CONSIDERATIONS ISSUS DES TECHNICIENS DES DE LA GUERRE (REUNION
ES COMD OPS - CAMPS - COMD DE CERTAINES UNITES DE MARS 1991 AVIS ET
ONSIDERATIONS EMANANT DE TOUTES LES COUCHES DE LA POPULATIONN MIL ET DE
EUX DE LA COMMISSION CREEE A CET EFFET EN 1992 (.) LES INVALIDES DE GUERRE
T LA MIL DE LA CIE MEDICALE CONSIDERENT QUE LE POLITICIEN NEGLIGE SCIE-
MENT LE TECHNICIEN ET CE PREMIER A COMME OBJECTIF DE DESORGANISER LES
ORCES ARMEES EN DIVISANT SES MEMBRES ET DISENT NON A CETTE DIVISION (.)
ES INVALIDES DE GUERRE ET LES MIL DE CIE MEDICALE VOIENT DANS CETTE
EINTEGRATION UNE FACON DE RECOMPENSER L'ENI (.) LES INVALIDES DE GUERRE
E DEMANDENT D'OU PROVIENT LE FOND POUR REGULARISER CES RENVOYES ACOLYTES
E L'ENI, FOND QUI DEVRAIENT AIDER CEUX ONT PERDU LES LEURS SUR LE CHAMP
'HONNEUR (.) LES INVALIDES DE GUERRE ET MIL DE LA CIE MED SONT AU COURANT
E CE QUE CERTAINS DE CES RENVOYES ONT REINTEGRES LES FORCES ARMEES ...../..

12D) QU'ILS ONT ETE ENSUITE TRANSFERES DANS D'AUTRES MINISTERES POURQUOI
LE PREMIER MINISTRE ET SON GOUVERNEMENT N'ONT PAS TENU COMPTE DE CETTE
COMPOSANTE (.) LES INVALIDES DE GUERRE ET LES MIL DE LA CIE MED EXIGENT
QUE TOUS CES RENVOYES SOIENT TOUS TRANSFERES DANS DIFFERENTS MINISTERES
AUTRES QUE CELUI DE LA DEFENSE NATIONALE (.) LES INVALIDES DE GUERRE
ET LES MIL DE LA CIE MEDICALE SOUTIENNENT L'USAGE DE TOUS SES MOYENS
SI LE CONSEIL DES MINISTRES NE REVIENT PAS SUR SA DECISION D'HIER --/..

NOM DU REDACTEUR :

| Pour opérateur seulement | IN (13A) | 22 10 | 22 56 | RT B. | 42 37 | OUT (13B) | | | |
|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|

(14) Signature de l'officier délégué
Grade

18.000 Imprimerie de l'AR No 3724

REPUBLIQUE RWANDAISE
MINISTERE DE LA DEFENSE
CABINET DU MINISTRE

FORMULE DE MESSAGE

N° d'enregistrement 12081

Pour C. Tr (1) à (4)

| (1) URGENCE (ACTION) | URGENCE (INFO) | GROUPE-DATE-HEURE | (10) |
|---|---|---|---|
| DP | | 220830B | GR : (10B) |

(6) DE : CAMP KAMI Maj. NERETSE

(12A) SECURITE :

(7) POUR : EM AR

(12B) N° DE L'EXPEDITEUR : ADM/INT/92/540

(8) INFO : MINADEF - COMDT OPS TOUS - UNITES TOUTES AR-
G DN

(9)

(12D) MIL DU CAMP KAMI NE COMPRENNENT PAS DU TOUT DECISION DU GOUVERNEMENT DE REINTEGRER. CERTAINS OFFRS D'AUTANT PLUS TOUTES LES INSTANCES CONSULTEE (THEORIES MORALES + REUNION DES COMD UNITES ) AVAIENT EMIS AVIS DEFAVORABLE (.). INTEGRATION PROCHAINEMENT DES INKOTANYI NE PEUT ETRE EVOQUE CAR IMPOSEE PAR LES ARMES TOUT COMME ELLE N'ABOLIRA PAS MESURE D'EXCLUSION DES FAR (.) JUSQU'A PRESENT PAS DE REACTION DE MECONTENTEMENT DE FACON ORGANISEE (:) NOUS ETONNONS PAR AILLEURS QUE CHAQUE FOIS QUE LA QUIETUDE SEMBLE REGNER AU SEIN DES FAR UNE SOUCOUPE DESTABILISATRICE EST AUSSITOT LACHEE PAR LE GOUVERNEMENT --/--

NOM DU REDACTEUR :

# MOTEL BEAUX-ARTS SEBU

K0007283




- NI HOTEL NSHYASHYA BUTARE YABUNGUKIYE
- URASHAKA KURUHUKIRA KURE Y'URUSAKU !
- WAMENYEREYE KWIYUHAGIRA AMAZI ASHYUSHYE
- UKUNDA KWIHERA IJISHO IBYIZA BITATSE U RWANDA
- WARUZI UMUHANZI WA MBERE SEBUKANGAGA YOHANI BATISITA N'IBYIZA AKORA,

BYOSE UZABISANGA MURI

**MOTEL BEAUX-ARTS SEBU**

**DU NOUVEAU A BUTARE**

MOTEL BEAUX-ARTS SEBU
300 m APRES L'HOTEL IBIS VERS LE MARCHE A COTE DE LA TRAFIPRO.
*Tél : 30.037 habitation*
*30.584 Bureau*

## MDR NA RWAGAKOCO

Permanence ya MDR i KIGALI yahinduye isura. Wagira ngo ubu hari imbogo yica. Mbere abantu barisanzuraga, bakahunguranira ibitekerezo. Ubu umuntu ahajya yikandagira, wagira nuwo uvugisha ati ibyo ntibikindeba. Abantu batangiye kuhacika. Ahari umucyo hasigaye umwijima. Sinzi niba aribyo abakuru b'ishyaka bahisemo, cyangwa se hari k...bya. Ubwo bazabidusobanurira. Mbere ishyaka MDR barish...iraga ukuntu ryakurikiraga amakuru rikayasakaza agishyushye none ntakigisohoka kubera RWAGAKOCO. Uwo muco ko wafashije ishyaka bawuretse babona ryaratsinze ? Ikindi giteye isoni abayobozi bamwe basigaye basebya abandi mu bigambo bagenda bahuragura. Ngo barashaka guhirika TWAGIRAMUNGU nk'uko KARAMIRA yabivugiye i NAIROBI ku wa 18/10/92. Ariko aho mwakubatse ishyaka muratikura ngo bizabageze he ? Kubona byinshi mwakoze mushaka kubizambya ngo MDR icikemo kabiri nka FORD yo muri KENYA ?
RWAGAKOCO niba azi ubwenge niyihutishe Manifesiti y'ishyaka n'umushinga w'amahame agenga abarwanashyaka ba MDR. Natekereze ko imbaga yayobotse ishyaka ikeneye iyo Manifesiti aho kugira ngo bajye birirwa bitana bamwana ngo bamwe ni aba CDR ngo abandi ni PL, ngo abandi ntibashaka RUKOKOMA. Ese aho mwasomye Manifesiti N°4 ya MDR PARMEHUTU ? Mwahereye aho, mukareba n'ibihe turimo mukongera kwerekana ko MDR ari ishyaka rya rubanda koko ? Abarwanashyaka babe maso kugira ngo mutazabapfunyikira amazi. Ko tuzi umwanya buri wese yatorewe, yakoze ibye ntiyivange mu by'abandi !

TWARABAMENYE !

## SEMUSAMBI ARATABAZA

Ku wa kane tariki ya 22/10/92, nijoro mu ma saa tatu n'igice, mu GAKINJIRO kwa SEMUSAMBI hateye aba GP (abasirikari bamwe bashinzwe kurinda Perezida) bagambiriye kwica MBARUSHIMANA Yozefu, umuhungu we. Bari bitwaye abajandarume, bafite imodoka ya Peugeot 504 ya Leta ariko itaragaragaza nimero. MBARUSHIMANA wari watinze koza, yarataashye agwa mu gaco k'abasirikari. Baramufashe bashaka kumushyira muri Kofure y'imodoka arabananira, baramugaza. Abaturanyi baratabaye, abasirikari baragenda. Ariko barashe BUTERA wari utabaye, nawe agira amahirwe ntiyapfa. None SEMUSAMBI aratakambira Minisitiri w'Intebe ngo ahagurukire ubwo bugizi bwa nabi. Aranatungira agatoki ubutegetsi imyitozo ya gisirikari ihabwa interahamwe 1000, ikaba itangirwa ahakurikira :
NYUNGWE, GISHWATI na KIBUGABUGA-NGERUKA (BUGESERA).
Muribuka ko umuganga w'umu CDR yari aherutse kumukuramo ijisho.

K0007284


# PAPILLON

## Nouveau KITENGE de l'UTEXRWA

Vient de lancer **un bureau de sondage spécialisé.** Nous vous proposons des tests de sensibilité dans les domaines suivants:

- politiques (popularité, opinions, force des partis politiques, candidats des partis, leadership, etc...).
- Commercial (marché, test des produits, ...)
- Socio-économique (enquêtes sociologiques)
- Sanitaire, Culturel, ...

Un bureau sérieux pour vous servir efficacement!

Notre adresse:

AGENCE KIGALI PRESSE
SECTION SONDAGE
B.P. 2258 KIGALI
TEL.



PUBLICITE

GARAGE BIZIMUNGU HUSSEIN MAJEBERI

- TOUTES LES MARQUES
- SPECIALITES : REPARATION,
  SOUDURE
  DEBOSSELAGE
  BOMBONNE
  ELECTRIQUE

BUTARE, Rue de la Prison de KARUBANDA

NIBA UFITE IKIBAZO CY'IMODOKA GANA KWA MAJEBERI IRUHANDE RWA PRISON KARUBANDA I BUTARE

Uretse abanyaBUTARE n'abanyaKIGALI niho dusigaye dukoresha.


Prix des insertions:

[illegible]

TARIF DE PUBLICITE PAR NUMERO.

| [illegible] | [illegible] | [illegible] | [illegible] | [illegible] |
|---|---|---|---|---|
| [illegible] | [illegible] | [illegible] | [illegible] | 1.000 |
| [illegible] | [illegible] | [illegible] | [illegible] | 1.000 |
| [illegible] | [illegible] | [illegible] | [illegible] | 1.000 |
| [illegible] | [illegible] | [illegible] | [illegible] | 1.000 |

**Pseudonym:**

**Witness Code: NTABALO**

**NTABALO-13**

# Ntabakuze Aloys

## FAR

Revue ISIBO No:73 du 22 au 29 oct 92. Article sur la tentative d'assassinat du PM Dismas et 2 communiques des FAR.

**DOCUMENT INFORMATION**

| | |
|---|---|
| Doc Type: | newspaper |
| Doc Sources: | |
| Doc Location: | ICTR |
| Doc Original No: | |
| Doc Date: | 29-Oct-92 |
| Format: | Typewritten |
| Original language: | French |
| Translation: | English |
| ERN Translation: | k024-1264 |

**For Witness Statement:**

| | |
|---|---|
| SignatureDate: | |
| Interviewer 1: | |
| Interviewer 2: | |

**DOCUMENT CODING:**

| | |
|---|---|
| Document code: | NTABALO-13 |
| ICTR Number: | |
| ERN Number: | K000-7282 |
| Disclosure Code: | NTABALO-13 |
| Disclosable: | Yes |

**Past Disclosure----Past Disclosure----Past Disclosure----Past Disclosure**

| IN | Code Used | Date | Support |
|---|---|---|---|
| Bagosora | NTABALO-13 | 09-Jun-00 | |
| Kabiligi | NTABALO-13 | 09-Jun-00 | |
| Nsengiyumva | NTABALO-13 | 09-Jun-00 | |
| Ntabakuze | NTABALO-13 | 09-Jun-00 | |

# TOGOLIZATION OF RWANDA

## UNCIVIL SOLDIERS THREATEN THE PRIME MINISTER

It was on 22 October 1992 that two telegrams arrived simultaneously at the military commands of all the units. They came respectively from the Colonel Mayuya camp, medical company headed by Colonel Baransaritse and the Kami camp under the command of Major Neretse. The undeclared intension was to integrate soldiers unfairly dismissed by decision of the Ministerial Council of 2 October 1992. The hard core of the Head of State decided at the same time to go and assassinate the Prime Minister in his residence but have been discouraged by the military headquarters, which had been alerted. The following names were cited: Col. Nsengiyumva, Major Mutabera, Major Nkizinkiko Musinga, Lt. Col. Baransaritse, Major Ntabakuze, Major Nkundiye and the terrible Neretse. All these officers come from the same hill as the President of the Republic. They are all calling for the dismissal of the Prime Minister and are threatening to align all soldiers of the country so as to force him to dissolve the transitional Government.
The population has been alerted to stand up to this gang of uncivil elements.

These cowards who are afraid to go and confront the Inkotanyi in Mutara, prefer to terrorize ordinary defenceless citizens..